# UBUSABE DUKOMORA MU GITABO CYA QUR'AN NO MU MVUGO Z'INTUMWA Y'IMANA (IMANA IYIHE AMAHORO N'IMIGISHA).

Cyanditswe na:

**Ucyeneye imbabazi za Allah Nyir'ubutagatifu ariwe: Dr. Said Ibun Ally Ibun Wah'fi Al Qah'twaaniy.**

شركاء التنفيذ:

دار الإسلام جمعية الربوة رواد الترجمة المحتوى الإسلامي

يتاح طباعة هذا الإصدار ونشره بأي وسيلة مع
الالتزام بالإشارة إلى المصدر وعدم التغيير في النص.

Telephone: +966114454900
ceo@rabwah.sa
P.O.BOX: 29465
RIYADH: 11557
www.islamhouse.com

# UBUSABE DUKOMORA MU GITABO CYA QUR'AN NO MU MVUGO Z'INTUMWA Y'IMANA (IMANA IYIHE AMAHORO N'IMIGISHA).

﴿وَلِلَّهِ ٱلۡأَسۡمَآءُ ٱلۡحُسۡنَىٰ فَٱدۡعُوهُ بِهَاۖ وَذَرُواْ ٱلَّذِينَ يُلۡحِدُونَ فِيٓ أَسۡمَٰٓئِهِۦۚ سَيُجۡزَوۡنَ مَا كَانُواْ يَعۡمَلُونَ١٨٠﴾ [الأعراف: 180]

((Kandi Allah afite amazina meza, bityo mujye muyifashisha mumusaba, kandi munitandukanye na ba bandi bakerensa (bubahuka ubutagatifu bw’) amazina ye . Bazahanirwa ibyo bakoraga.))[1]

[1] Suratul A'araf: 180.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **Allah (ni we) Ntangiriro** | **akaba n'Iherezo** | **Ugaragara (Uri hejuru ya buri kintu) akaba n'Utagaragara (uri bugufi ya buri kintu)** | **uri hejuru akaba n'uw'ikirenga** | **Usumba byose** |
| **Uhambaye** | **Uwubahitse** | **Uwikirenga** | **Uwumva bihebuje** | **Ubona bihebuje** |
| **Umumenyi uhebuje** | **Uzi byose** | **Usingizwa** | **Nyir'icyubahiro** | **Nyir'ububasha** |
| **Nyir'ubushobozi** | **Ushoboye** | **Umunyembaraga zihebuje** | **Umunyembaraga** | **Uwihagije** |
| **Umunyabushishozi** | **Udahubuka** | **Ubabarira ibyaha** | **Nyir'imbabazi** | **Nyir'impuhwe** |
| **Uwakira ukwicuza** | **Umugenzuzi** | **Umuhamya wa buri icyo ari cyo cyose** | **Umurinzi wa buri kimwe** | **Uworohera ibiremwa bye** |
| **Uri bugufi kandi Usubiza ubusabe bw'abamusabye.** | **Umukunzi bihebuje** | **Ushima** | **Ushimwa bihebuje** | **Umutware** |
| **Uwishingikirizwa** | **Uwibeshejeho** | **Utaneshwa** | **Nyir'ububasha** | **Umunyabubasha** |
| **Umugenzuzi** | **Uyobora** | **Umunyabushishozi** | **umwishingizi** | **Umuziranenge** |
| **Umugiraneza** | **Nyir'ukugaba** | **Nyir'impuhwe** | **Nyir'imbabazi** | **Umunyabuntu** |
| **Umunyabuntu bihebuje** | **Uworoha** | **Uwagurira ibiremwa bye inzira z'ibyiza** | **Ugaba amafunguro** | **Uhoraho** |
| **Uwigize akanebeshaho ibiriho byose** | **Nyagasani** | **Umwami** | **Umutunzi wa buri kimwe** | **Umwe rukumbi** |
| **Ukwiye ikuzo** | **Umuremyi** | **Umuremyi** | **Umuhanzi** | **Utanga** |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | bihebuje | | ishusho |
| Umwishingizi | Umugenzuzi | Ufite ubumenyi bwa buri kintu | Umugenzuzi wa buri kintu | Umurinzi |
| Uhagije buri kintu | Uwo ingabire ze zigera kuri buri kintu | Ukuri | Umwiza | Inshuti |
| Ugira isoni zo kuba umugaragu we yamusaba akamukuriramo aho | Uhishira abagaragu be | Umugaragirwa | Uwima uwo ashatse | Ugabira uwo ashatse |
| Utanga | Ubanza | Uheruka | Ugaragara | Utanga ingabire |
| Umuhagararizi | Umukunzi | Umutabazi | Umuvuzi | Umwami w'abami |
| Uzakoranya abantu | | Urumuri rw'ibiri mu birere no mu isi | | |
| Uwuje ubutungane n’imigisha | | Umuhanzi w'ibirere n'isi[2] | | |

[2] Reba aya mazina na gihamya zayo muri Qur'an no mu nyigisho z'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mu gitabo (Shar'h Asma-illahil Hus'na hashingiwe kuri Qur'an na Sunat) cya Nyir'iki gitabo.

Ku izina rya Allah Ny'irimpuhwe, Ny'irimbabazi

# Ijambo ry'ibanze.

Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah, dukuza kandi dusaba inkunga, twicuzaho kandi twiragiza ngo aturinde ibibi n'amoshya y'imitima yacu, n'ibikorwa bibi dukora, uwayobowe na Allah ntawamuyobya, n'uwahisemo ubuyobe nta wamuyobora,Ndahamya kandi ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah wenyine udafite umufasha, nkanahamya ko Muhamadi ari umugaragu we akaba n'intumwa ye. Amahoro n'imigisha bya Allah bimusakareho we n'ab'iwe n'abasangirangendo be n'abazamukurikira mu kugira neza kugeza ku munsi w'ingororano, kandi amusakazeho amahoro menshi. Nyuma y'ibyo:

Iyi ni incamacye y'igitabo cyanjye cyitwa: [[Gusingiza Allah n'ubusabe, ndetse no kwivurisha amagambo ya Allah (Ruqiyat) yo muri Qur'an ntagatifu no mu migenzo y'Intumwa y'Imana]], igice cyacyo kigisha ubusabe nagishyize mu magambo macye kugira ngo byorohe kukibonamo inyungu, ndetse nongeraho n'ubundi busabe n'izindi nyungu ngirakamaro ku bushobozi bwa Allah Nyir'ubutagatifu.Ndasaba Allah Nyir'ubutagatifu ku bw'amazina ye meza n'ibisingizo bye bihebuje ko iki gitabo

yakigira icyanditswe kubera we no gushaka kwishimirwa nawe, kandi niwe ufite ubushobozi bwabyo.[3]

Allah asakaze amahoro n'imigisha ku Ntumwa ye Muhamadi, n'umuryango we, n'abasangirangendo be, n'abayoboke be bayikurikiye mu kugira neza kugeza ku munsi w'ingororano.

**<u>Cyanditswe na</u>**

**<u>Said Ibun Ally Ibun Wah'fi Al Qah'twaniy</u>**

**<u>Yacyanditse mu kwezi kwa kwa munani (Shaban) 1408 Hijiriyat.</u>**

[3] Umwimerere w'iki gitabo wamaze gucapwa mu mizingo ine nyuma yo kugaragaza mu buryo burambuye aho Hadith twazisanga mu bitabo by'abamenyi ba Hadith no kugaragaza urwego zifite niba ari impamo kuva ku Ntumwa y'Imana cyangwa se atari impamo, tukaba tubishimira Allah. Iyo mizingo ine: Igice cyo gusingiza Allah (ingabo y'umuyisilamu) kiri mu muzingo wa mbere n'uwa kabiri, naho igice kivuga k'ubusabe kikaba kiri mu muzingo wa gatatu, naho kwivuza wifashishije amagambo ya Qur'an n'ay'Intumwa yayo biza mu muzingo wa kane.

# IBYIZA BYO GUSABA ALLAH.

Allah Nyir' ubutagatifu aragira ati: ((Kandi Nyagasani wanyu yaravuze ati "Nimunsabe, ndabasubiza. Mu by'ukuri ba bandi bibona bakanga kunsenga (kunsaba), bazinjira mu muriro basuzuguritse.")) [4]،

Allah Nyir'ubutagatifu nanone yaravuze ati:

﴿وَإِذَا سَأَلَكَ عِبَادِي عَنِّي فَإِنِّي قَرِيبٌۖ أُجِيبُ دَعۡوَةَ ٱلدَّاعِ إِذَا دَعَانِۖ فَلۡيَسۡتَجِيبُواْ لِي وَلۡيُؤۡمِنُواْ بِي لَعَلَّهُمۡ يَرۡشُدُونَ ١٨٦﴾ [البقرة: 186]

((Kandi abagaragu banjye nibagira icyo bakumbazaho (yewe Muhamadi), (uzabasubize uti) mu by'ukuri njye ndi hafi yabo, nsubiza ubusabe bw'usaba igihe ansabye. Bityo, nibanyumvire bananyizere kugira ngo bayoboke.)).[5] Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nayo yaravuze iti: ((Ubusabe ni Ibadat))Nyagasani wanyu

---

[4] Yakiriwe na Al Hakim 1/542, iri no mu gitabo Zawa-id Mus'nad Al Bazaar 2/442, nimero: 2177. Yanakiriwe na A-Twabarani mu gitabo cyitwa A-Du'a-i nimero 1435. Na Al Haythami mu gitabo cye Mudj'ma-u Zawaid: 10/170, yaravuze ati: (Uruhererekane rw'imvugo ya A-Twabarani ni rwiza).

[5] Suratul Baqarat: 186.

yaravuze ati: ((ادْعُونِي أَسْتَجِبْ لَكُمْ))6، ((Nimunsabe, ndabasubiza.))[7]Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nayo yaravuze iti: ((Mu by'ukuri Nyagasani wanyu Nyir'ubutagatifu agira isoni kandi ni umunyabuntu, agirira isoni umugaragu we igihe azamuye amaboko ye (amusaba) kuba yayamanura atamuhaye ibyo amusabye)).Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nayo yaravuze iti: ((Nta muyisilamu usaba ubusabe butarimo icyaha cyangwa se guca isano ry'imiryango, usibye ko Allah amuhitiramo kimwe mu bintu bitatu: Kuba yamwihutishiriza ibyo amusabye (akabimuha), cyangwa akabimuzigamira ku munsi w'imperuka, cyangwa se akamurinda ikibi cyari kuzamubaho bingana n'ubwo busabe asabye. Umwe mu basangirangendo bayo arayibaza ati: Noneho tujye

---

[6] Yakiriwe na Tirmidhiy 5/566, na 5/462 nimero 3573, na Ahmad 3/18 nimero 11150, na Al Albani yavuze ko ari impamo mu gitabo Swahih Al Djami-i Swaghiir 5/116, no mu gitabo Swahih Sunan A-Tirmidhiy 3/140.

[7] Reba igitabo cyitwa Al Asw'li 3/863-926.

dusaba Allah cyane? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: Allah nawe afite ingororano nyinshi..

Ibikwiye Kuranga Umuntu Ari Gusaba Ndetse N'impamvu Zo Kwakirwa K'ubusabe[8].

1-Kwegurira ubwo busabe Allah.

2- Gutangira ushimira Allah unamusingiza, ndetse ugasabira amahoro n'imigisha Intumwa y'Imana, akaba ari nabyo asorezaho.

3-Gusaba ubishyizeho umutima kandi wiringiye no kwakirirwa.

4-Guhozaho ubusabe no kutagira ubwira.

5-Gusaba ubikuye ku mutima ari nako ubwenge bwawe bwose n'umutima biri kuri ubwo busabe uri gusaba.

6-Gusaba mu bihe byose byaba ibyoroshye n'ibikomeye

7-Nta wundi ukwiye gusabwa usibye Allah wenyine

---

[8] Reba iyo myifatire n'impamvu zo kwakirwa k'ubusabe na gihamya zabyo mu gitabo Al Asw'l 3/927-975.

8-Kudasabira nabi abanyamuryango bawe, umutungo wawe, urubyaro rwawe ndetse nawe ubwawe.

9-Gusaba mu ijwi ryoroheje nturirangururе ariko nanone nturimanure cyane.

10-Kwemera ibyaha, no kubisabira imbabazi, no kwemera inema za Allah kuri wowe ndetse ukazishimira Allah.

11-Kutigora utoranya amagambo y'ikibonezamvugo akomeye n'inshoberamahanga mu gusaba

12-Gusaba wibombaritse uciye bugufi wiringiye kwakirirwa ubusabe, unatinya kutabwakirirwa.

13-Gusubiza iby'abandi wahuguje igihe uri kwicuza.

14-Gusaba usubiramo inshuro eshatu eshatu.

15-Gusaba werekeye aho abayisilamu berekera bari gusali (Qib'lat).

16-Kuzamura amaboko igihe uri gusaba

17- Kwisukura (Udhu) utawaza igihe bikoroheye.

18-Kutarengera igihe uri gusaba

19-Kwiheraho igihe uri gusabira abandi..[9]

20-Nuko asaba Allah yifashishije amazina meza ya Allah n'ibisingizo bye bihebuje, cyangwa se agasabisha ibikorwa byiza yakoze, cyangwa se ubusabe bw'umuntu ukora ibyiza ukiri muzima.

21-Nuko ibyo kurya bye, n'ibyo kunywa bye, n'imyambaro ye biba biri mu byo aziruriwe.

22-Ntakwiye gusaba ibibi cyangwa se guca isano ry'imiryango.

23-Nuko abwiriza gukora ibyiza no kubuza ibibi.

24-kwirinda gukora ibyaha byose.

---

[9] Byagaragaye mu mvugo y'Impamo iva ku ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yasabaga yiheragaho, byanagaragaye kandi nanone mu yindi mvugo yayo ko itihereyeho ubwo yasabiraga Anas, na Ibun Abas, na Umu Ismail n'abandi. Reba ibisobanuro birambuye kuri iyi ngingo mu gitabo Shar'h Nawawiy liSwahihi Muslim: 15/144, no mu gitabo Tuh'fat Al Ah'wadhiy Shar'h Sunani A-Tirmidhi: 9: 328, no mu gitabo Fat'hul Bariy Shar'h Swahihil Bukhariy: 1/281.

25-Ibihe Byiza N'uburyo Bwiza Usaba Yaba Arimo N'ahantu Heza Byatuma Wakirirwa Ubusabe.[10]

1-Ijoro ry'igeno (Laylatul Qad'r)

2-Mu ijoro ry'icuraburindi ryo mu rukerera

3-Nyuma ya buri swalat z'itegeko

4-Hagati y'umuhamagaro w'isengesho (Adhana) n'umenyesha ko igihe cyo gusali kigeze (Iqamat)

5-Isaha yo muri buri joro

6-Igihe cy'umuhamagaro w'iswala z'itegeko (Adhana)

7-Igihe imvura iri kugwa

8-Igihe ingabo ziba zisakiranye mu rugamba rwo guharanira inzira ya Allah.

9-Isaha yo ku munsi wa gatanu (wa Idjuma)

Ariko imvugo irusha izindi kuba ukuri nuko ari isaha yo ku gicamunsi izuba ritararenga ku munsi wa Idjuma, ndetse ishobora no kuba hagati y'inyigisho zo kuri uwo munsi (Khut'bat) n'iswala yo kuri uwo munsi.

---

[10] Reba ibyo bihe n'aho hantu n'ubwo buryo ndetse na gihamya zabyo ku burebure mu gitabo Al Asw'li: 3/975-1117.]

10-Igihe uri kunywa amazi ya ZamZam ufite umugambi w'ukuri.

11-Igihe wubamye (Sudjud) uri gusali

12-Igihe uvuye mu bitotsi ukangutse mu ijoro, ugasaba wifashishije ubusabe bwavuzwe kuri ibi

13-Igihe waryamye ufite isuku, hanyuma wakanguka mu ijoro ugasaba.

14- Igihe uri gusaba ubu busabe bugira buti: "LA ILAHA ILA ANTA SUB'HANAKA INI KUNTU MINA DHWALIMINA: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye wowe; mu by'ukuri ndi umwe mu banyamahugu."

15- Ubusabe bw'abantu nyuma y'umuntu wapfuye.

16-Ubusabe nyuma yo gusingiza Allah no gusabira amahoro n'imigisha Intumwa y'Imana mu buhamya bwa nyuma uri mu iswalat.

17-Gusaba Allah wifashishije izina rya Allah riruta ayandi, iyo uryifashishije usaba Allah akwakirira ubusabe, n'iyo urisabishije araguha.[11]

---

[11] Reba izina rya Allah riruta ayandi muri Hadithi (203), n'iya (104), n'iya (105) muri icyo gitabo.

18-Ubusabe umuyisilamu asabira umuvandimwe we w'umuyisilamu atabizi.

19-Ubusabe bwo ku munsi wa Arafat uri mu kibaya cya Arafat.

20-Ubusabe bwo mu kwezi kwa Ramadhan.

-Igihe abayisilamu bateraniye mu cyicaro kimwe cyo gusingiza Allah.

22-Igihe cy'ubusabe bwo mu bihe by'ibyago bugira buti: ((INA LILLAHI WA INA ILAYHI RAJIUNA, ALLAHUMA ADJIR'NII FII MUSWIBATII, WAKH'LUF'LII KHAYRAN MIN'HA: Turi aba Allah kandi iwe niho tuzasubira, Nyagasani mpa ingororano kubera izi ngorane ndetse unampe ingurane nziza kuruta icyo mbuze.))

23-Ubusabe igihe wumva umutima wawe urangamiye Allah, n'igihe wumva wiyegereje Allah.

24-Ubusabe uwahugujwe asabiye uwamuhuguje.

25-Ubusabe umubyeyi asabiye umwana we, bwiza cyangwa se bubi.

26-Ubusabe bw'umuntu uri ku rugendo.

27-Ubusabe bw'uwasibye igihe cyose atarasiburuka.

28-Ubusabe bw'uwasibye igihe ari gusiburuka.

29-Ubusabe bw'umuntu uri mu bihe by'amakuba.

30-Ubusabe bw'umuyobozi w'umutabera.

31-Ubusabe bw'umwana wumvira umubyeyi we asabira umubyeyi we.

32-Ubusabe bwa nyuma yo gutawaza (Udhu), iyo asabye yifashishije ubusabe bwigishijwe.

33-Ubusabe i Mina nyuma yo gutera amabuye Djam'rat A-swugh'raa

34-Ubusabe i Mina nyuma yo gutera amabuye Djam'ratul Wus'twa'a

35-Ubusabe uri muri Al Kaabat imbere, n'usariye imbere ya Al Kaabat ahitwa Al Hidj'ri nawe abarwa nk'uri muri Al Kaabat.

36-Ubusabe usabiye ahitwa Swafaa.

37-Ubusabe usabiye ahitwa Mar'waa

38-Ubusabe usabiye mu mutambagiro mutagatifu (ahitwa Mash'aril Haraam)

Umwemeramana asaba Nyagasani igihe cyose aho ari hose; Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿وَإِذَا سَأَلَكَ عِبَادِي عَنِّي فَإِنِّي قَرِيبٌۖ أُجِيبُ دَعۡوَةَ ٱلدَّاعِ إِذَا دَعَانِۖ فَلۡيَسۡتَجِيبُواْ لِي وَلۡيُؤۡمِنُواْ بِي لَعَلَّهُمۡ يَرۡشُدُونَ ١٨٦﴾ [البقرة: 186]

((Kandi abagaragu banjye nibagira icyo bakumbazaho (yewe Muhamadi), (uzabasubize uti) mu by’ukuri njye ndi

hafi yabo, nsubiza ubusabe bw'usaba igihe ansabye. Bityo, nibanyumvire bananyizere kugira ngo bayoboke.))[12]‘ Ariko ibi bihe n'aha hantu hose bikwiye kwitabwaho no kwitwararikwa.

[12] Suratul Baqarat: 186.

# UBUSABE DUKOMORA MURI QUR'AN NO MURI SUNAT.

Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah wenyine, amahoro n'imigisha nibisakare k'udafite indi ntumwa nyuma ye.

﴿بِسۡمِ ٱللَّهِ ٱلرَّحۡمَٰنِ ٱلرَّحِيمِ١ ٱلۡحَمۡدُ لِلَّهِ رَبِّ ٱلۡعَٰلَمِينَ ٢ ٱلرَّحۡمَٰنِ ٱلرَّحِيمِ٣ مَٰلِكِ يَوۡمِ ٱلدِّينِ ٤ إِيَّاكَ نَعۡبُدُ وَإِيَّاكَ نَسۡتَعِينُ٥ ٱهۡدِنَا ٱلصِّرَٰطَ ٱلۡمُسۡتَقِيمَ٦ صِرَٰطَ ٱلَّذِينَ أَنۡعَمۡتَ عَلَيۡهِمۡ غَيۡرِ ٱلۡمَغۡضُوبِ عَلَيۡهِمۡ وَلَا ٱلضَّآلِّينَ٧﴾ [الفاتحة: 1-7]

1- ((Ku izina rya Allah , Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi* Ishimwe n’ikuzo byose bikwiye Allah, Nyagasani w’ibiremwa byose.* Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi* Umwami w’ikirenga wo ku munsi w’imperuka.*Ni wowe (wenyine) dusenga, kandi ni wowe (wenyine) twiyambaza.* Tuyobore inzira igororotse* Inzira y’abo wahundagajeho inema, itari iy’abo warakariye cyangwa abayobye.))[13].

﴿...رَبَّنَا تَقَبَّلۡ مِنَّآۖ إِنَّكَ أَنتَ ٱلسَّمِيعُ ٱلۡعَلِيمُ١٢٧﴾ [البقرة: 127]

---

[13] Suratul Al Fatihat: 1-7.

2- ((Nyagasani wacu! Twakirire (ibikorwa n’ubusabe byacu), mu by’ukuri, wowe uri Uwumva bihebuje, Umumenyi uhebuje.))[14].

﴿رَبَّنَا وَٱجۡعَلۡنَا مُسۡلِمَيۡنِ لَكَ وَمِن ذُرِّيَّتِنَآ أُمَّةٗ مُّسۡلِمَةٗ لَّكَ وَأَرِنَا مَنَاسِكَنَا وَتُبۡ عَلَيۡنَآۖ إِنَّكَ أَنتَ ٱلتَّوَّابُ ٱلرَّحِيمُ١٢٨﴾ [البقرة: 128]

3((kandi wakire ukwicuza kwacu. Mu by’ukuri, ni wowe Uwakira ukwicuza, Nyirimbabazi.))[15].

﴿... رَبَّنَآ ءَاتِنَا فِي ٱلدُّنۡيَا حَسَنَةٗ وَفِي ٱلۡأٓخِرَةِ حَسَنَةٗ وَقِنَا عَذَابَ ٱلنَّارِ٢٠١﴾ [البقرة: 201]

4- ((“Nyagasani wacu! Duhe ibyiza hano ku isi no ku munsi w’imperuka (uzaduhe) ibyiza, kandi uzanaturinde ibihano by’umuriro.”))[16].

﴿... سَمِعۡنَا وَأَطَعۡنَاۖ غُفۡرَانَكَ رَبَّنَا وَإِلَيۡكَ ٱلۡمَصِيرُ٢٨٥﴾ [البقرة: 285]

5- ((“Twumvise kandi twumviye. Turagusaba imbabazi, Nyagasani wacu! Kandi iwawe ni ho byose bizasubira.”))[17].

---

[14] Suratul Baqarat: 127.]

[15] Suratul Baqarat: 128.

[16] Suratul Baqarat: 201.

[17] } Suratul Baqarat: 285.

﴿... رَبَّنَا لَا تُؤَاخِذۡنَآ إِن نَّسِينَآ أَوۡ أَخۡطَأۡنَاۚ رَبَّنَا وَلَا تَحۡمِلۡ عَلَيۡنَآ إِصۡرٗا كَمَا حَمَلۡتَهُۥ عَلَى ٱلَّذِينَ مِن قَبۡلِنَاۚ رَبَّنَا وَلَا تُحَمِّلۡنَا مَا لَا طَاقَةَ لَنَا بِهِۦۖ وَٱعۡفُ عَنَّا وَٱغۡفِرۡ لَنَا وَٱرۡحَمۡنَآۚ أَنتَ مَوۡلَىٰنَا فَٱنصُرۡنَا عَلَى ٱلۡقَوۡمِ ٱلۡكَٰفِرِينَ٢٨٦﴾ [البقرة: 286]

6- ((Nyagasani wacu! Ntuzaduhore ibyo twibagiwe (gukora) cyangwa (ibyo twakoze) twibeshye. Nyagasani wacu! Ntuzatwikoreze umutwaro nk'uko wawikoreje abatubanjirije. Nyagasani wacu! Ntuzatwikoreze ibyo tudashoboye. Tubababarire, udukize ibyaha kandi utugirire impuhwe. Ni wowe Mugenga wacu, dutabare uduhe gutsinda abahakanyi.))[18].

﴿رَبَّنَا لَا تُزِغۡ قُلُوبَنَا بَعۡدَ إِذۡ هَدَيۡتَنَا وَهَبۡ لَنَا مِن لَّدُنكَ رَحۡمَةًۚ إِنَّكَ أَنتَ ٱلۡوَهَّابُ٨﴾ [آل عمران: 8]

7- ((Nyagasani wacu! Ntuzatume imitima yacu iyoba nyuma y'uko utuyoboye, kandi unaduhundagazeho impuhwe ziguturutseho. Mu by'ukuri ni Wowe Mugaba uhebuje.))[19].

﴿... رَبَّنَآ إِنَّنَآ ءَامَنَّا فَٱغۡفِرۡ لَنَا ذُنُوبَنَا وَقِنَا عَذَابَ ٱلنَّارِ١٦﴾ [آل عمران: 16]

---

[18] Suratul Baqarat: 286.

[19] Surat Al Imran: 8.

8- ((“Nyagasani wacu! Mu by’ukuri, twe twaremeye, ku bw’ibyo, tubabarire ibyaha byacu unaturinde ibihano by’umuriro.”))[20].

﴿... رَبِّ هَبۡ لِي مِن لَّدُنكَ ذُرِّيَّةٗ طَيِّبَةًۖ إِنَّكَ سَمِيعُ ٱلدُّعَآءِ٣٨﴾ [آل عمران: 38]

9- ((“Nyagasani wanjye! Mpa urubyaro rwiza ruguturutseho. Mu by’ukuri, uri Uwumva ubusabe bihebuje.”))[21].

﴿رَبَّنَآ ءَامَنَّا بِمَآ أَنزَلۡتَ وَٱتَّبَعۡنَا ٱلرَّسُولَ فَٱكۡتُبۡنَا مَعَ ٱلشَّٰهِدِينَ٥٣﴾ [آل عمران: 53]

10- ((Nyagasani wacu! Twemeye ibyo wahishuye tunakurikira Intumwa (zawe); bityo twandike mu bahamya (b’ukuri).))[22].

﴿وَمَا كَانَ قَوۡلَهُمۡ إِلَّآ أَن قَالُواْ رَبَّنَا ٱغۡفِرۡ لَنَا ذُنُوبَنَا وَإِسۡرَافَنَا فِيٓ أَمۡرِنَا وَثَبِّتۡ أَقۡدَامَنَا وَٱنصُرۡنَا عَلَى ٱلۡقَوۡمِ ٱلۡكَٰفِرِينَ١٤٧﴾ [آل عمران: 147]

11- ((“Nyagasani wacu! Tubabarire ibyaha byacu no kurengera kwacu mu byo dukora; uhe ibirenge byacu

---

[20] Surat Al Imran: 16.

[21] Surat Al Imran: 38.

[22] Surat Al Imran: 53.

gushikama, udutabare, kandi uduhe gutsinda abahakanyi.”))[23].

﴿... رَبَّنَا مَا خَلَقۡتَ هَٰذَا بَٰطِلٗا سُبۡحَٰنَكَ فَقِنَا عَذَابَ ٱلنَّارِ ١٩١ رَبَّنَآ
إِنَّكَ مَن تُدۡخِلِ ٱلنَّارَ فَقَدۡ أَخۡزَيۡتَهُۥۖ وَمَا لِلظَّٰلِمِينَ مِنۡ أَنصَارٖ ١٩٢ رَّبَّنَآ
إِنَّنَا سَمِعۡنَا مُنَادِيٗا يُنَادِي لِلۡإِيمَٰنِ أَنۡ ءَامِنُواْ بِرَبِّكُمۡ فَـَٔامَنَّاۚ رَبَّنَا فَٱغۡفِرۡ لَنَا
ذُنُوبَنَا وَكَفِّرۡ عَنَّا سَيِّـَٔاتِنَا وَتَوَفَّنَا مَعَ ٱلۡأَبۡرَارِ ١٩٣ رَبَّنَا وَءَاتِنَا مَا
وَعَدتَّنَا عَلَىٰ رُسُلِكَ وَلَا تُخۡزِنَا يَوۡمَ ٱلۡقِيَٰمَةِۖ إِنَّكَ لَا تُخۡلِفُ ٱلۡمِيعَادَ
١٩٤﴾ [آل عمران: 191-194]

12- ((“Nyagasani wacu! Ibi ntiwabiremye nta mpamvu. Ubutagatifu ni ubwawe! Ngaho turinde ibihano by’umuriro.”* Nyagasani wacu! Mu by’ukuri, uwo uzinjiza mu muriro uzaba umusuzuguje; kandi inkozi z’ibibi ntizizigera zibona abatabazi.* Nyagasani wacu! Mu by’ukuri, twumvise umuhamagazi (Intumwa Muhamadi) uhamagarira ukwemera (agira ati) “Nimwemere Nyagasani wanyu”, nuko turemera. None Nyagasani wacu! Tubabarire ibyaha byacu, udukize ibicumuro byacu, kandi uzadukure ku isi turi mu beza.* Nyagasani wacu! Unaduhe ibyo wadusezeranyije binyuze ku ntumwa zawe. Kandi ntuzadukoze isoni ku munsi w’imperuka, kuko mu by’ukuri utajya wica isezerano (ryawe).))[24].

---

[23] Surat Al Imran: 147.

[24] Surat Al Imran: 191-194.

﴿... رَبَّنَآ ءَامَنَّا فَٱكۡتُبۡنَا مَعَ ٱلشَّٰهِدِينَ٨٣﴾ [المائدة: 83]

13- ((“Nyagasani wacu! Turemeye; bityo dushyire mu bahamya (b’ukuri).”))[25].

﴿... رَبَّنَا ظَلَمۡنَآ أَنفُسَنَا وَإِن لَّمۡ تَغۡفِرۡ لَنَا وَتَرۡحَمۡنَا لَنَكُونَنَّ مِنَ ٱلۡخَٰسِرِينَ٢٣﴾ [الأعراف: 23]

14- ((“Nyagasani wacu! Twarihemukiye. Kandi nutatubabarira ibyaha ngo unatugirire impuhwe, ni ukuri rwose tuzaba mu banyagihombo.”))[26].

﴿۞...رَبَّنَا لَا تَجۡعَلۡنَا مَعَ ٱلۡقَوۡمِ ٱلظَّٰلِمِينَ٤٧﴾ [الأعراف: 47]

15- ((“Nyagasani wacu! Ntudushyire hamwe n’abanyabyaha.”))[27].

﴿... أَنتَ وَلِيُّنَا فَٱغۡفِرۡ لَنَا وَٱرۡحَمۡنَاۖ وَأَنتَ خَيۡرُ ٱلۡغَٰفِرِينَ ١٥٥ ۞ وَٱكۡتُبۡ لَنَا فِي هَٰذِهِ ٱلدُّنۡيَا حَسَنَةٗ وَفِي ٱلۡأٓخِرَةِ ...١٥٦﴾ [الأعراف: 155-156]

16- Nyagasani ((ni wowe Murinzi wacu, bityo tubabarire unatugirire impuhwe, kuko ari Wowe uhebuje mu kubabarira.”* Unadushyiriraho amategeko meza hano ku

[25] Surat Al Maidat: 83.

[26] Surat Al A'araf: 23.

[27] Surat Al A'araf: 47.

isi no ku munsi w'imperuka, rwose turakugarukiye tukwicuzaho. ))[28].

﴿... حَسۡبِيَ ٱللَّهُ لَآ إِلَٰهَ إِلَّا هُوَۖ عَلَيۡهِ تَوَكَّلۡتُۖ وَهُوَ رَبُّ ٱلۡعَرۡشِ ٱلۡعَظِيمِ١٢٩﴾ [التوبة: 129]

17- ((“Allah arampagije.” Nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse We. Ni We niringiye, kandi ni We Nyagasani wa Ar'shi ihambaye.))[29].

﴿... رَبَّنَا لَا تَجۡعَلۡنَا فِتۡنَةٗ لِّلۡقَوۡمِ ٱلظَّٰلِمِينَ٨٥ وَنَجِّنَا بِرَحۡمَتِكَ مِنَ ٱلۡقَوۡمِ ٱلۡكَٰفِرِينَ٨٦﴾ [يونس: 85-86]

18- ((Nyagasani wacu! Ntushoboze inkozi z'ibibi kudutsinda bitatubera ibigeragezo (tukadohoka ku kwemera kwacu).”* “Kandi ku bw'impuhwe zawe dukize abantu b'abahakanyi.” ))[30].

﴿... رَبِّ إِنِّيٓ أَعُوذُ بِكَ أَنۡ أَسۡـَٔلَكَ مَا لَيۡسَ لِي بِهِۦ عِلۡمٞۖ وَإِلَّا تَغۡفِرۡ لِي وَتَرۡحَمۡنِيٓ أَكُن مِّنَ ٱلۡخَٰسِرِينَ٤٧﴾ [هود: 47]

19- ((“Nyagasani wanjye! Ndakwiragije ngo undinde kuba nakubaza ibyo ntafitiye ubumenyi. Kandi uramutse

---

[28] Surat Al A'araf: 155-156.

[29] Surat A-Tawbat: 129.

[30] Surat Yunus: 85-86.

utambabariye ngo unangirire impuhwe, mu by’ukuri naba mu banyagihombo.”))[31].

﴿۞...ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلۡأَرۡضِ أَنتَ وَلِيِّۦ فِي ٱلدُّنۡيَا وَٱلۡأٓخِرَةِۖ تَوَفَّنِي مُسۡلِمٗا وَأَلۡحِقۡنِي بِٱلصَّٰلِحِينَ١٠١﴾ [يوسف: 101]

20- “Nyagasani! Yewe Muhanzi w’ibirere n'isi! Ni wowe Mugenga wanjye ku isi no ku mperuka. Uzanshoboze gupfa ndi Umuyisilamu kandi uzampuze n’abagaragu bawe b’intungane.”))[32]

﴿ رَبِّ ٱجۡعَلۡ هَٰذَا ٱلۡبَلَدَ ءَامِنٗا وَٱجۡنُبۡنِي وَبَنِيَّ أَن نَّعۡبُدَ ٱلۡأَصۡنَامَ٣٥﴾ [إبراهيم: 35]

21- ((“Nyagasani wanjye! Ha uyu mujyi (wa Makat) amahoro n’umutekano, unandinde njye n’abana banjye kuba twagaragira ibigirwamana.”))[33].

﴿رَبِّ ٱجۡعَلۡنِي مُقِيمَ ٱلصَّلَوٰةِ وَمِن ذُرِّيَّتِيۚ رَبَّنَا وَتَقَبَّلۡ دُعَآءِ٤٠﴾ [إبراهيم: 40]

---

[31] Surat Hud: 47.

[32] Surat Yusufu: 101; wanareba kandi izindi nyungu mu gitabo Al Fawaid cya Ibun Al Qayyim, paji 436 na 437.

[33] Surat Ibrahim: 35.

22- ((“Nyagasani! Mpa guhozaho iswala, unabihe urubyaro rwanjye, Nyagasani wacu! Kandi wakire ubusabe bwanjye.”))[34].

﴿رَبَّنَا ٱغۡفِرۡ لِي وَلِوَٰلِدَيَّ وَلِلۡمُؤۡمِنِينَ يَوۡمَ يَقُومُ ٱلۡحِسَابُ٤١﴾ [إبراهيم: 41]

23- ((“Nyagasani wacu! Uzambabarire, njye n’ababyeyi banjye ndetse n’abemeramana, umunsi ibarura ryabaye.”))[35].

﴿... رَبَّنَآ ءَاتِنَا مِن لَّدُنكَ رَحۡمَةٗ وَهَيِّئۡ لَنَا مِنۡ أَمۡرِنَا رَشَدٗا١٠﴾ [الكهف: 10]

24- ((“Nyagasani wacu! Duhundagazeho impuhwe ziguturutseho, unaduhe gutungana mu byo dukora.”))[36].

﴿قَالَ رَبِّ ٱشۡرَحۡ لِي صَدۡرِي٢٥ وَيَسِّرۡ لِيٓ أَمۡرِي٢٦ وَٱحۡلُلۡ عُقۡدَةٗ مِّن لِّسَانِي٢٧ يَفۡقَهُواْ قَوۡلِي٢٨﴾ [طه: 25-28]

25- ((“Nyagasani wanjye! Agura igituza cyanjye (kugira ngo mbashe gusohoza ubutumwa bwawe)"* Kandi unyorohereze inshingano zanjye (umpaye)* Unagobotore

---

[34] Surat Ibrahim: 40.

[35] Surat Ibrahim: 41.

[36] Suratul Kah'fi: 10.

ururimi rwanjye, Kugira ngo babashe gusobanukirwa amagambo yanjye))[37].

﴿... رَّبِّ زِدۡنِي عِلۡمٗا ١١٤﴾ [طه: 114]

26- ((“Nyagasani wanjye! Nyongerera ubumenyi.”))[38].

﴿.... لَّآ إِلَٰهَ إِلَّآ أَنتَ سُبۡحَٰنَكَ إِنِّي كُنتُ مِنَ ٱلظَّٰلِمِينَ٨٧﴾ [الأنبياء: 87]

27- ((“Nta yindi mana ibaho ikwiye gusengwa by’ukuri uretse wowe (Allah). Ubutagatifu ni ubwawe. Mu by’ukuri njye nari umwe mu nkozi z’ibibi.”))[39].

﴿وَزَكَرِيَّآ إِذۡ نَادَىٰ رَبَّهُۥ رَبِّ لَا تَذَرۡنِي فَرۡدٗا وَأَنتَ خَيۡرُ ٱلۡوَٰرِثِينَ ٨٩﴾ [الأنبياء: 89]

28- ((“Nyagasani wanjye! Ntundeke (ngo nkomeze kubaho) ndi njyenyine (nta rubyaro), kandi ari wowe muzungura mwiza.”))[40].

﴿وَقُل رَّبِّ أَعُوذُ بِكَ مِنۡ هَمَزَٰتِ ٱلشَّيَٰطِينِ٩٧ وَأَعُوذُ بِكَ رَبِّ أَن يَحۡضُرُونِ٩٨﴾ [المؤمنون: 97-98]

---

[37] Surat Twaha: 25-28.

[38] Surat Twaha: 114.

[39] Surat Al Anbiya-i: 87.

[40] Surat Al Anbiya'i: 89.

29- ((“Nyagasani wanjye! Nkwikinzeho ngo undinde ibishuko by’amashitani.”*Nanakwikinzeho Nyagasani wanjye! Ngo uyandinde ntanyegere.))[41].

﴿... رَبَّنَآ ءَامَنَّا فَٱغۡفِرۡ لَنَا وَٱرۡحَمۡنَا وَأَنتَ خَيۡرُ ٱلرَّٰحِمِينَ١٠٩﴾ [المؤمنون: 109]

30- ((“Nyagasani wacu! Twaremeye, bityo tubabarire unatugirire impuhwe, kuko ari wowe uhebuje mu kugira impuhwe!”))[42].

﴿... رَبَّنَا ٱصۡرِفۡ عَنَّا عَذَابَ جَهَنَّمَۖ إِنَّ عَذَابَهَا كَانَ غَرَامًا٦٥﴾ [الفرقان: 65]

31- ((“Nyagasani wanjye! Babarira unagire impuhwe, kuko ari Wowe Uhebuje mu kugira impuhwe.”))[43].

﴿إِنَّهَا سَآءَتۡ مُسۡتَقَرّٗا وَمُقَامٗا٦٦﴾ [الفرقان: 66]

32- ((“Nyagasani wacu! Dukize ibihano by’umuriro wa Jahanamu, kubera ko mu by’ukuri ibihano byawo bizahoraho.”)[44].

---

[41] Surat Al Mu'uminuna: 97-98.

[42] Surat Al Mu'uminuna: 109.

[43] Surat Al Mu'uminuna: 118.

[44] Surat Al Fur'qan: 65-66.

﴿... رَبَّنَا هَبۡ لَنَا مِنۡ أَزۡوَٰجِنَا وَذُرِّيَّٰتِنَا قُرَّةَ أَعۡيُنٖ وَٱجۡعَلۡنَا لِلۡمُتَّقِينَ إِمَامًا٧٤﴾ [الفرقان: 74]

33((“Nyagasani wacu! Dukize ibihano by’umuriro wa Jahanamu, kubera ko mu by’ukuri ibihano byawo bizahoraho.”))[45].

﴿رَبِّ هَبۡ لِي حُكۡمٗا وَأَلۡحِقۡنِي بِٱلصَّٰلِحِينَ٨٣ وَٱجۡعَل لِّي لِسَانَ صِدۡقٖ فِي ٱلۡأٓخِرِينَ٨٤ وَٱجۡعَلۡنِي مِن وَرَثَةِ جَنَّةِ ٱلنَّعِيمِ٨٥﴾ [الشعراء: 83-85]

34- ((Nyagasani! Mpa kugira ubumenyi (bwo kugusobanukirwa ndetse n’ubuhanuzi), kandi uzampuze n’abagaragu bawe b’intungane.* Kandi umpe kuzavugwa neza mu bazaza nyuma.* Unanshyire mu bazazungura Ijuru ryuje inema.))[46].

﴿وَلَا تُخۡزِنِي يَوۡمَ يُبۡعَثُونَ٨٧ يَوۡمَ لَا يَنفَعُ مَالٞ وَلَا بَنُونَ٨٨ إِلَّا مَنۡ أَتَى ٱللَّهَ بِقَلۡبٖ سَلِيمٖ٨٩﴾ [الشعراء: 87-89]

35- ((Kandi ntuzankoze isoni ku munsi (ibiremwa byose) bizazurwa.* Umunsi imitungo n’urubyaro bitazagira icyo bimarira (nyirabyo).* Usibye gusa uzagera kwa Allah afite umutima usukuye (uzira ibangikanyamana).))[47].

---

[45] Surat Al Fur'qan: 84.

[46] Surat A-Shu'ara-u: 83-85.

[47] Surat A-Shu'ara-u: 87-89.

﴿... رَبِّ أَوۡزِعۡنِيٓ أَنۡ أَشۡكُرَ نِعۡمَتَكَ ٱلَّتِيٓ أَنۡعَمۡتَ عَلَيَّ وَعَلَىٰ وَٰلِدَيَّ وَأَنۡ أَعۡمَلَ صَٰلِحٗا تَرۡضَىٰهُ وَأَدۡخِلۡنِي بِرَحۡمَتِكَ فِي عِبَادِكَ ٱلصَّٰلِحِينَ ١٩﴾ [النمل: 19]

36- ((“Nyagasani wanjye! Nshoboza gushimira inema zawe wampundagajeho, njye n’ababyeyi banjye, unanshoboze gukora ibitunganye wishimira. Kandi unanyinjize mu bagaragu bawe beza ku bw’impuhwe zawe.”))[48].

﴿قَالَ رَبِّ إِنِّي ظَلَمۡتُ نَفۡسِي فَٱغۡفِرۡ لِي فَغَفَرَ لَهُۥٓۚ إِنَّهُۥ هُوَ ٱلۡغَفُورُ ٱلرَّحِيمُ١٦﴾ [القصص: 16]

37- ((“Nyagasani! Mu by’ukuri nihemukiye; bityo mbabarira.” )).[49]

﴿... رَبِّ نَجِّنِي مِنَ ٱلۡقَوۡمِ ٱلظَّٰلِمِينَ ٢١﴾ [القصص: 21]

38- ((“Nyagasani! Nkiza abantu b’inkozi z’ibibi.”))[50].

﴿... عَسَىٰ رَبِّيٓ أَن يَهۡدِيَنِي سَوَآءَ ٱلسَّبِيلِ٢٢﴾ [القصص: 22]

39- ((“Hari ubwo Nyagasani wanjye yanyobora inzira y’ukuri.”))[51].

---

[48] Surat A-Nam'l: 19.

[49] Sura Al Qaswasw: 16.

[50] Surat Al Qaswasw: 21.

[51] Surat Al Qaswasw: 22.

﴿... رَبِّ إِنِّي لِمَآ أَنزَلۡتَ إِلَيَّ مِنۡ خَيۡرٖ فَقِيرٞ ٢٤﴾ [القصص: 24]

40- ((“Nyagasani! Rwose nkeneye ibyiza wamanurira uko byaba bimeze kose.”))[52].

﴿قَالَ رَبِّ ٱنصُرۡنِي عَلَى ٱلۡقَوۡمِ ٱلۡمُفۡسِدِينَ ٣٠﴾ [العنكبوت: 30]

41- ((“Nyagasani! Ntsindira abantu b’abangizi.”))[53].

﴿رَبِّ هَبۡ لِي مِنَ ٱلصَّٰلِحِينَ ١٠٠﴾ [الصافات: 100]

42- ((“Nyagasani wanjye! Mpa (umwana) uzaba umwe mu ntungane.”))[54].

﴿...رَبِّ أَوۡزِعۡنِيٓ أَنۡ أَشۡكُرَ نِعۡمَتَكَ ٱلَّتِيٓ أَنۡعَمۡتَ عَلَيَّ وَعَلَىٰ وَٰلِدَيَّ وَأَنۡ أَعۡمَلَ صَٰلِحٗا تَرۡضَىٰهُ وَأَصۡلِحۡ لِي فِي ذُرِّيَّتِيٓۖ إِنِّي تُبۡتُ إِلَيۡكَ وَإِنِّي مِنَ ٱلۡمُسۡلِمِينَ١٥﴾ [الأحقاف: 15]

43- ((“Nyagasani wanjye! Nshoboza gushimira ingabire zawe wampundagajeho, njye n’ababyeyi banjye, (unanshoboze) gukora ibitunganye wishimira, kandi unantunganyirize urubyaro. Mu by’ukuri nkwicujijeho kandi rwose ndi mu bicisha bugufi (Abayisilamu).”))[55].

---

[52] Surat Al Qaswasw: 24.

[53] Surat Al Ankabut: 30.

[54] Surat A-Swafati: 100.

[55] Surat Al Ah'qaf: 15.

﴿... رَبَّنَا ٱغۡفِرۡ لَنَا وَلِإِخۡوَٰنِنَا ٱلَّذِينَ سَبَقُونَا بِٱلۡإِيمَٰنِ وَلَا تَجۡعَلۡ فِي قُلُوبِنَا غِلّٗا لِّلَّذِينَ ءَامَنُواْ رَبَّنَآ إِنَّكَ رَءُوفٞ رَّحِيمٌ ١٠﴾ [الحشر: 10]

44- ((“Nyagasani wacu! Tubabarire, twe n’abavandimwe bacu batubanjirije mu kwemera, kandi ntuzatume mu mitima yacu harangwamo urwango ku bemeramana. Nyagasani wacu! Mu by’ukuri ni Wowe Nyirimpuhwe nyinshi, Nyirimbabazi.”))[56].

﴿... رَّبَّنَا عَلَيۡكَ تَوَكَّلۡنَا وَإِلَيۡكَ أَنَبۡنَا وَإِلَيۡكَ ٱلۡمَصِيرُ ٤﴾ [الممتحنة: 4]

45- ((Nyagasani wacu! Ni Wowe twiringiye kandi ni nawe twicuzaho ndetse iwawe ni ho garukiro (ryacu twese))[57].

﴿رَبَّنَا لَا تَجۡعَلۡنَا فِتۡنَةٗ لِّلَّذِينَ كَفَرُواْ وَٱغۡفِرۡ لَنَا رَبَّنَآۖ إِنَّكَ أَنتَ ٱلۡعَزِيزُ ٱلۡحَكِيمُ ٥﴾ [الممتحنة: 5]

46- ((“Nyagasani wacu! Ntutugire ikigeragezo ku bahakanye, kandi utubabarire Nyagasani wacu! Mu by’ukuri ni Wowe Munyacyubahiro uhebuje, Nyirubugenge buhambaye.”))[58].

---

[56] Surat Al Hash'r: 10.

[57] Surat Al Mum'tahinat: 4.

[58] Surat Al Mum'tahinat: 5.

﴿... رَبَّنَآ أَتۡمِمۡ لَنَا نُورَنَا وَٱغۡفِرۡ لَنَآۖ إِنَّكَ عَلَىٰ كُلِّ شَيۡءٖ قَدِيرٞ٨﴾ [التحريم: 8]

47- ((“Nyagasani wacu! Twuzurize urumuri, unatubabarire ibyaha. Mu by’ukuri ni wowe Ushobora byose.”))[59].

﴿رَّبِّ ٱغۡفِرۡ لِي وَلِوَٰلِدَيَّ وَلِمَن دَخَلَ بَيۡتِيَ مُؤۡمِنٗا وَلِلۡمُؤۡمِنِينَ وَٱلۡمُؤۡمِنَٰتِۖ وَلَا تَزِدِ ٱلظَّٰلِمِينَ إِلَّا تَبَارَۢا٢٨﴾ [نوح: 28]

48- ((“Nyagasani wanjye! Mbabarira, njye n’ababyeyi banjye, n’uzinjira mu nzu yanjye ari umwemeramana, ndetse n’abemeramana n’abemeramanakazi.”))[60].

﴿...فَهَدَى ٱللَّهُ ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ لِمَا ٱخۡتَلَفُواْ فِيهِ مِنَ ٱلۡحَقِّ بِإِذۡنِهِۦۗ وَٱللَّهُ يَهۡدِي مَن يَشَآءُ إِلَىٰ صِرَٰطٖ مُّسۡتَقِيمٍ٢١٣﴾ [البقرة: 213]

49- ((Mana Nyagasani nyobora mu byo abantu batavugaho rumwe by'ukuri ku burenganzira bwe, kuko mu by'ukuri uyobora uwo ushatse mu nzira igororotse.))[61]

﴿يُؤۡتِي ٱلۡحِكۡمَةَ مَن يَشَآءُۚ وَمَن يُؤۡتَ ٱلۡحِكۡمَةَ فَقَدۡ أُوتِيَ خَيۡرٗا كَثِيرٗاۗ وَمَا يَذَّكَّرُ إِلَّآ أُوْلُواْ ٱلۡأَلۡبَٰبِ ٢٦٩﴾ [البقرة: 269]

---

[59] Surat A-Tahriim: 8.

[60] Surat Nuh: 28.

[61] Ubu busabe bwakuwe muri Surat Al Baqarat: 213.

50- ((Mana mpa ubugenge bwa bundi ubuhawe aba ahawe ibyiza byinshi)).[62]

﴿يُثَبِّتُ ٱللَّهُ ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ بِٱلْقَوْلِ ٱلثَّابِتِ فِي ٱلْحَيَوٰةِ ٱلدُّنْيَا وَفِي ٱلْأَخِرَةِۖ ...٢٧﴾ [إبراهيم: 27]

51- ((Mana mpa gushikama ku mvugo y'ukuri ihamye muri ubu buzima bw'iyi si ndetse no mu bwoko ku munsi w'imperuka))[63]

﴿... ٱللَّهَ حَبَّبَ إِلَيْكُمُ ٱلْإِيمَٰنَ وَزَيَّنَهُۥ فِي قُلُوبِكُمْ وَكَرَّهَ إِلَيْكُمُ ٱلْكُفْرَ وَٱلْفُسُوقَ وَٱلْعِصْيَانَۚ أُوْلَٰٓئِكَ هُمُ ٱلرَّٰشِدُونَ ٧﴾ [الحجرات: 7]

52. ((Mana Nyagasani duhe gukunda ukwemera unagutake mu mitima yacu, unatwangishe ubuhakanyi n’ubwangizi  ndetse no kwigomeka, kandi udushyire mu bayobotse by’ukuri.))[64]

﴿فَٱتَّقُواْ ٱللَّهَ مَا ٱسْتَطَعْتُمْ وَٱسْمَعُواْ وَأَطِيعُواْ وَأَنفِقُواْ خَيْرًا لِّأَنفُسِكُمْۗ وَمَن يُوقَ شُحَّ نَفْسِهِۦ فَأُوْلَٰٓئِكَ هُمُ ٱلْمُفْلِحُونَ١٦﴾ [التغابن: 16]

53- ((Nyagasani Mana rinda umutima wanjye ubugugu, unanshyire mu bazagira intsinzi.))[65]

---

[62] Ubu busabe bwakuwe muri Surat Al Baqarat: 269.

[63] Ubu busabe bwakuwe muri Surat Ibrahim: 27.

[64] Ubu busabe bwakuwe muri Surat Al Hudj'rat: 7.

[65] Ubu busabe bwakuwe muri Surat A-Taghabun: 16.

54- ((Mana Nyagasani duhe ibyiza hano ku isi, uzanabiduhe ku munsi w'imperuka, unaturinde ibihano by'umuriro.))[66]

55- ((Nyagasani Mana nkwikinzeho ngo undinde ibigeragezo by'umuriro n'ibihano by'umuriro, n'ibigeragezo byo mu mva n'ibihano byo mu mva, n'ibibi by'ibigeragezo by'ubukire, n'ibibi by'ibigeragezo by'ubukene. Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ibibi by'ibigeragezo bya Masihi Dadjali. Mana Nyagasani nyeza umutima wanjye ukoresheje amazi n'urubura, unasukure umutima wanjye ibyaha nkuko wasukuye umwambaro wererana udafite ikizinga! Unantandukanye n'ibyaha byanjye nkuko watandukanyije hagati y'iburasirazuba n'iburengerazuba. Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ubunebwe n'ibibi n'amadeni.))[67]

56- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde kunanirwa, n'ubunebwe, n'ubugwari, no gusaza

---

[66] Bukhari (4522), na (6389), na Muslim (2690).

[67] Bukhari (832), na Muslim (589).

cyane, n'ubugugu! Nanakwikinzeho ngo undinde ibihano byo mu mva, n'ibigeragezo byo mu buzima ndetse n'ibyo mu gupfa.))[68]

57- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ibigeragezo ntabasha kwakira, no kubaho ntanezerewe, n'igeno ryangwisha mu bibi, no gukinwa ku mubyimba n'abanzi.))[69]

58- ((Mana Nyagasani ntunganyiriza idini ryanjye ryo musingi w'ibikorwa byanjye, unantunganyirize isi yanjye yo buturo bwanjye, unantunganyirize ejo hanjye ho sezerano ryanjye nasezeranyijwe, kandi uhe ubuzima bwanjye kuba inyongera y'ibyiza kandi uzagire urupfu rumbere ikiruhuko cy'ibibi.))[70]

---

[68] Bukhari (2823), na Muslim (2706).

[69] Bukhari (6347), Muslim (2707), n'imvugo ye iragira iti: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga yikinga kuri Allah ngo ayirinde ibigeragezo itabasha kwakira, no kubaho itanezerewe, n'igeno ryayigwisha mu bibi, no gukinwa ku mubyimba n'abanzi.))

[70] Yakiriwe na Muslim (2720).

59- ((Mana Nyagasani, ndagusaba kuyoboka, no kugutinya, no kurangwa n'ubupfura, ndetse n'ubukungu.))[71]

60- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde kunanirwa, n'ubunebwe, n'ubugugu, no gusaza cyane, ndetse n'ibihano byo mu mva. Nyagasani ha umutima wanjye kugutinya, unaweze kandi ni wowe mwiza wo kuweza no kuwukesha, ni wowe Mugenga wawo. Nyagasani Mana nkwikinzeho ngo undinde ubumenyi budafite umumaro, n'umutima utagutinya, n'umutima utanyurwa, ndetse n'ubusabe butakirwa.))[72]

61- ((Mana Nyagasani, nyobora unkomeze, Mana Nyagasani ndagusaba ko wanyobora ukananankomeza.))[73]

62- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde kuba nabura ingabire zawe, no guhinduka

---

[71] Yanakiriwe na Muslim (2721).

[72] Yakiriwe na Muslim (2722).

[73] Yakiriwe na Muslim (2725).

k'ubuzima bwanjye, no gutungurwa n'ibihano byawe, n'ibindi byagutera uburakari.))[74]

63- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ibibi nakoze n'ibibi ntarakora.))[75]

64- ((Mana Nyagasani ongera imitungo yanjye, n'urubyaro rwanjye, unashyire imigisha mu byowampaye.))76((Uzanampe kubaho igihe kirekire nkumvira, unatunganye ibikorwa byanjye.)) Unambabarire))[77]

---

[74] Yakiriwe na Muslim (2739).

[75] Yakiriwe na Muslim (2716).

[76] Ubu busabe bwakomoye mu busabe bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabiye Anas igira iti: Mana Nyagasani, tubura umutungo we n'urubyaro rwe, unashyire umugisha mu byo wamuhaye.)) Yakiriwe na Bukhari (1982). na Muslim (660).

[77] Yakiriwe na Bukhari mu gitabo cye Adabul Mufrad (653), na Al Albani yavuze ko ari impamo mu gitabo cye Silsilatul Ahadith A-Swahihat (2241). No mu gitabo Swahih Al Adab Al Muf'rad (Paji 244). Ibiri hagati y'udukubo ni ibishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ubwo yari ibajijwe iti: Ni nde muntu mwiza kuruta abandi? Irabasubiza iti: ((Ni uwuzabaho

65- ((Nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse Allah Uhambaye, Ushishoza, nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse Allah Nyiri Ar'shi ihambaye, nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse Allah Nyagasani w'ibirere, na Nyagasani w'isi, akaba na Nyagasani Nyiri Ar'shi yubahitse.))[78]

66- ((Mana Nyagasani niringiye impuhwe zawe, bityo ntuntererane habe n'akanya gato, kandi untunganyirize ibyanjye byose, nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse wowe.))[79]

---

igihe kirekire akanatunganya ibikorwa bye)). A-Tirmidhiy (2329), na Ahmad (17716) na Al Albaniy yavuze ko iyi mvugo ari impamo mu gitabo Swahih A-Tirmidhi (2/271). Nabajije Nyir'icyubahiro umwarimu wacu Ibun Baz (Allah amugirire impuhwe) ku bijyanye no kuba umuntu yakoresha ubu busabe niba ari Sunat, aransubiza ati: (Yego!)

[78] Yakiriwe na Bukhari (6345), na Muslim (2730).

[79] Yakiriwe na Abu Dawud (5090), na Ahmad (5/42), na Albaniy mu gitabo Swahih Abi Dawud (3/250), No mu gitabo Swahih Al Adab Al Muf'rad (260) yavuze ko ari nziza. Umumenyi Ibun Baz yavuze ko uruhererekane rwayo ari rwiza mu gitabo Tuh'fatul Akh'yaar (paji 24).

67- ((Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse wowe, Ubutagatifu ni ubwawe, mu by'ukuri njye nari umwe mu nkozi z'ibibi.))[80]

68- ((Mana Nyagasani njye ndi umugaragu wawe, ubyarwa n'abagaragu bawe, ubuzima bwanjye buri mu biganza byawe, itegeko ryawe rinsohorezwaho, igeno ryawe ryose ugennye riba rinyuze mu butabera, ndagusaba ngusabishije buri zina ryawe, wiyise wowe ubwawe, cyangwa se ukarihishura mu gitabo cyawe, cyangwa se ukaryigisha umwe mu biremwa byawe, cyangwa ukarihamana iwawe mu bumenyi bw'ibitarahishuwe, ko Qur'an wayigira impamvu y'ibyishimo by'umutima wanjye, n'urumuri

[80] Yakiriwe na Tirmidhi (3505), na Al Hakim anavuga ko ari impamo na A-Dhahabiy aramushyigikira (1/505). Na Albaniy mu gitabo Swahih Tirmidhi (3/168) yavuze ko ari impamo; n'imvugo ye iragira iti: ((Ubusabe bwa Dhinun (Umuhanuzi Yunusu) yasabye Nyagasani we ari mu nda y'ifi buvuga ko "nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye wowe, ubutagatifu ni ubwawe kandi ndi umwe mu nkozi z'ibibi", nta muyisilamu ubwifashisha asaba Allah icyo ari cyo cyose usibye ko Allah amwakirira ubusabe bwe.))

rw'igituza cyanjye, no kurangira kw'agahinda n'umubabaro n'ibimpangayikishije.))[81]

69- ((Mana Nyagasani wowe uhindura imitima, hindura imitima uyiganisha ku kukumvira.))[82]

70- ((Yewe uhindura imitima, ha umutima wanjye gushikama mu idini ryawe.))[83]

71- ((Mana Nyagasani, ndagusaba kumpa kwizera kuzira gushidikanya no kurangwa no kugira

[81] Yakiriwe na Ahmad (1/391), 452, na Al Hakim (1/509), na Al Hafidhw mu gitabo Takhriidj Al Adhkar yavuze ko ari nziza, na Al Albaniy mu gitabo Takhridjil Kalim A-Twayyib yavuze ko ari impamo, paji 73.

[82] Yakiriwe na Muslim (2654).

[83] Yakiriwe na Tirmidhiy (3522), na Ahmad (4/182), na Al Hakim (1/525) na 528 anavuga ko ari impamo na Adhahabiy yemeranywa nawe (ko ari impamo). Na Al Albaniy yavuze ko ari impamo mu gitabo Swahihul Al Djami'u (6/309). No mu gitabo Swahih A-Tirmidhiy (3/171). Na Umu Salamat (Imana imwishimire) yaravuze ati: "Ubu nibwo bwari ubusabe kenshi bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)."

imbabazi n'ubuzima buzira umuze hano ku isi ndetse no ku munsi w'imperuka.))[84]

72- ((Mana Nyagasani uzaduhe iherezo ryiza muri byose, unaturinde ikimwaro hano ku isi n'ibihano byo ku munsi w'imperuka.))[85]

73- ((Mana Nyagasani ntera inkunga, ntuzatume neshwa, unantabare ntuzatume ntsindwa, unandengere ntuzatume nganzwa, unanyobore ndetse unanshoboze kuyoboka, unantsindire

---

[84] Yakiriwe na Tirmidhiy (3514), na Bukhariy mu gitabo Al Adabul Muf'rad (726), n'imvugo ya Tirmidhiy iragira iti: ((Mujye musaba Allah ubuzima bwiza hano ku isi no ku munsi w'imperuka, kubera ko nta n'umwe muri mwe nyuma yo guhabwa kwizera kuzira gushidikanya wahawe ibyiza biruta guhabwa ubuzima bwe.)) Na Al Albaniy mu gitabo Swahih Ibun Madjah (3/180), na (3/185), na (3/170). Ifite n'izindi ziyunganira, wazisanga mu gitabo Musnad Al Imam Ahmad cyakosowe na Ahmad Shakir (1/156-157).

[85] Yakiriwe na Ahmad (4/181), na A-Twabaraniy mu gitabo cye Mu'djam Al Kabir (33/2/1169), no mu gitabo A-Du'a-u (1436), na Ibun Hiban (2424), (2425). Al Hafidhw Al Haythami mu gitabo Madj'ma'u Zawaid (10/178) yaravuze ati: ((Abagize uruhererekane rw'imvugo ya Ahmad n'abagize rumwe mu ruhererekane rw'imvugo ya A-Twabaraniy ni inyangamugayo)).

abanzi. Mana nshoboza kuba ugushimira kenshi, ukwibuka kenshi, ugutinya cyane, ukumvira cyane, ukwicishaho bugufi cyane kandi ukwicuzaho. Mana akira ukwicuza kwanjye, unanyeze ibyaha byanjye, unakire ubusabe bwanjye, unanshoboze mu nzira yanjye ndimo, unayobore umutima wanjye, unagorore ururimi rwanjye, unankize uburwayi mfite mu mutima wanjye.))[86].

74- ((Mana Nyagasani, turagusaba ibyiza wasabwe n'umuhanuzi wawe Muhamad -Imana imuhe amahoro n'imigisha-, turanakwiragije ngo uturinde ibibi umuhanuzi wawe Muhamad -Imana imuhe amahoro n'imigisha- yagusabye ko umurinda, ni wowe muterankunga, kandi ni nawe

---

[86] Bukhari mu gitabo Al Adab Al Muf'rad (664), (665). Abu Daud (1510), (1511). Tirmidhi (3551), Ibun Madjah (3830), Ahmad (1/127)). Al Hakim yanavuze ko ari impamo ndetse na A-Dhahabiy arabishyigikira (1/519). Al Albaniy mu gitabo Swahiih Abi Daud (1/414), no mu gitabo Swahih A-Tirmidhiy (3/178).

mushoboza, nta bubasha ndetse nta n'ubushobozi usibye ko ari ibya Allah)).[87]

75- ((Mana Nyagasani ndakwiragije ngo undinde kumva ibyo wazirirије kumva, unandinde kureba ibyo wazirirије kureba, unandinde ibyo wazirirије kuvuga, unandinde n'ibibi byaba mu mutima wanjye, unandinde ibibi nagwishwamo n'ubwambure bwanjye cyangwa se irari ryanjye.))[88]

76- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde indwara z'ibinyoro, no gusara, n'ibibembe n'izindi ndwara mbi.))[89]

---

[87] Tirmidhi (3521), Ibun Madjah (3846) yayakiriye mu bisobanuro byayo. Tirmidhi yaravuze ati: Iyi Hadithi ni ((Hassan Gharib)), na Al Albaniy yavuze ko atari impamo mu gitabo Dwaif Tirmidhiy, paji 387.

[88] Yakiriwe na Abu Dawud (1551), Tirmidhiy (3492), A-Nasa-iyu (5470) n'abandi. Al Albaniy mu gitabo Swahiih A-Tirmidhiy yavuze ko ari impamo (3/166), no mu gitabo Swahiih A-Nasa'iy (3/1108).

[89] Yakiriwe na Abu Daud (1554), na A-Nasa-iy (5493), na Ahmad (3/192), na Albaniy mu gitabo Swahiih A-Nasa-iy (3/1116), no mu gitabo Swahiih Tirmidhiy (3/184) yavuze ko ari impamo.

77- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ingeso mbi, n'ibikorwa bibi, ndetse n'irari ribi.))[90]

78- ((Mana Nyagasani ni wowe Ubabarira, ugira ubuntu, ukunda kubabarira, bityo mbabarira))[91]

79- ((Mana Nyagasani ndagusaba gukora ibyiza, no kureka ibibi, no gukunda abakene, ndagusaba kandi ko wambabarira ndetse ukanangirira impuhwe. Kandi n'igihe uzashaka koreka abantu, uzanyambure ubuzima ntageragejwe. Ndagusaba kandi kugukunda, no gukunda ugukunda, no gukunda igikorwa icyo ari cyo cyose kinyegereza urukundo rwawe.))[92]

---

[90] Yakiriwe na Tirmidhiy (3591), Ibun Hiban (2422), Al Hakim (1/532), na A-Twabaraniy mu gitabo Mu'djam Al Kabiir (36/19/19). Na Al Albaniy mu gitabo Swahiih A-Tirmidhiy (3/184) yavuze ko ari impamo.

[91] Yakiriwe na Tirmidhiy (3513), na A-Nasa'iy mu gitabo Sunan Al Kub'ra (7712), na Albaniy mu gitabo Swahih A-Tirmidhiy (3/170) yavuze ko ari impamo.

[92] Yakiriwe na Ahmad mu mvugo ye (5/243), na A-Tirmidhiy (3235)yakiriye ijya kumera nk'iyi ndetse yanavuze ko ari nziza, arangije aranavuga ati: Nayibajije Muhamadi Ibun Ismail -ari we

80- ((Mana Nyagasani ndagusaba ibyiza byose, ibya vuba n'ibizatinda, ibyo nzi n'ibyo ntazi, nanakwikinzeho ngo undinde ibibi byose byaba vuba n'ibya kera, ibyo nzi n'ibyo ntazi. Mana Nyagasani ndagusaba ibyiza wasabwe n'umugaragu wawe akaba n'intumwa yawe, nanakwinzeho ngo undinde ibibi umugaragu wawe akaba n'intumwa yawe yakwikinzehon ngo umurinde. Mana Nyagasani ndagusaba ijuru n'ibyatuma ndigeramo byaba imvugo cyangwa se ibikorwa, nanakwikinzeho ngo undinde umuriro n'ibyatuma nywujyamo byaba imvugo cyangwa se ibikorwa, kandi ndagusaba ko buri geno ryose wangeneye ryaba ryiza kuri njye.))[93]

---

Bukhari- maze aransubiza ati: "Iyi Hadithi ni nziza kandi ni impamo." No mu mpera z'iyi Hadithi Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ni ukuri, muzayige muyimenye." Al Hakim (1/521), na Albaniy mu gitabo Swahih Tirmidhiy (3/318) yavuze ko ari impamo.

[93] Yakiriwe na Ibun Madjah (3846) mu mvugo ye, na Ahmad (6/134) n'imvugo yiyongeraho ni iye, na Al Hakim yavuze ko ari impamo na A-Dhahabiy yaramushyigikiye (1/521), n'imvugo ya

81- ((Mana Nyagasani mpa gushikama mu buyisilamu naba mpagaze, cyangwa nicaye, cyangwa se ndyamye, kandi ntuzatume abanzi cyangwa abanyeshyari bankina ku mubyimba. Mana Nyagasani ngusabye buri cyiza icyo ari cyo cyose kiri mu bigega byawe, nanakwikinzeho ngo undinde buri kibi icyo ari cyo cyose naba nzi cyangwa se ntazi.))[94]

82- ((Mana duhe ukugitinya kudushyira kure no kugukosereza, uduhe no kukumvira bizatugeza mu ijuru ryawe, uduhe n'icyizere kitworohereza ingorane z'isi, Mana duhe kumva, kubona, ndetse n'imbaraga birambye igihe turi bazima kuzageza dupfuye, kandi Mana uduhorere unadutabare ku baduhuguza, kandi Mana ntuzatugerageze mu idini yacu, kandi ntuzagire isi kuba ariyo turangamira,

---

mbere yiyongeraho ni iye, na Al Albaniy mu gitabo Swahih Ibun Madjah yavuze ko ari impamo(2/327).

[94] Yakiriwe na Al Hakim (1/525), anavuga ko ari impamo na A-Dhahabiy yaramushyigikiye. Na Albaniy mu gitabo Swahihil Djami'i (2/398), no mu gitabo Silsilat Al Ahadith Swahihat (4/54; 1540) yavuze ko ari nziza.

cyangwa kuba ariyo ntego y’ubumenyi bwacu, kandi Mana ntuzduhe kwigarurirwa n'utadufitiye impuhwe.))[95]

83- ((Mana nkwikinzeho ngo undinde ubugwari n’ubugugu, nanakwikinzeho ngo undinde gusubira bwana, unandinde ibigeragezo byo mu isi, ndetse unandinde ibigeragezo byo mu mva)).[96]

84- ((Mana mbabarira ibyaha byanjye n’ubujiji bwanjye n’ukwangiza kwanjye, unambabarire ibyaha nzi n'ibyo ntazi, Mana mbabarira ibyaha nakoze ntakomeje n'ibyo nakoze nkomeje, n'ibyo nakoze nibeshye n'ibyo nakoze ngambiriye, kubera ko ibyo byaha byose ni njye wabikoze kandi ndanabyemera.))[97]

---

[95] Yakiriwe na Tirmidhi (3502), na Al Hakim (1/528), anavuga ako ari impamo na A-Dhahabi yaramushyigikiye , na Ibun A-Suniy (446). Na Al Albaniy mu gitabo Swahihi Tirmidhiy (3/168) no mu gitabo Swahihul Djami'u (1/400) yavuze ko ari nziza.

[96] Al Bukhariy (2822).

[97] Yemeranyijwe na Bukhari na Muslim: Al Bukhariy (6398), na Muslim (2719).

85- ((Mana Nyagasani nahuguje roho yanjye kenshi, kandi ntawe ubabarira ibyaha uretse wowe, Ngirira imbabazi zivuye iwawe, ungirire impuhwe, kuko wowe uri Umunyempuhwe kandi w'Umunyembabazi.))[98]

86- ((Mana ni wowe nicishijeho bugufi, ni nawe nemeye, ni nawe niringiye, ndetse ninawe nibombarikaho, kandi ninawe ndegera (abanzi), Mana Nyagasani niragije icyubahiro cyawe wowe Mana hatariho indi ikwiye gusengwa by'ukuri uretse wowe ngo undinde kuba wampa kuyoba, uri uhoraho udapfa, mu gihe abantu n'amadjini bapfa.))[99]

87- ((Mana Nyagasani, turagusaba kudushoboza gukora ibituma tugirirwa impuhwe zawe no kugambirira kugera ku mbabazi zawe, no gukiranuka na buri cyaha, no kongera ibyiza

---

[98] Yemeranyijwe na Bukhari na Muslim: Al Bukhariy (834), na Muslim (2705).

[99] Yemeranyijweho na Bukhariy mna Musilim: Al Bukhariy (6398), Muslim (2719).

byinshi, n’intsinzi y’ijuru ndetse no kurokoka umuriro.))[100]

88- ((Mana Nyagasani babarira abemeramana n'abemeramanakazi))[101]

89- ((Mana Nyagasani mbabarira ibyaha byanjye, unanyangurire ubuturo bwanjye, unampe imigisha mu byo wampayemo amafunguro.))[102]

---

[100] Yakiriwe na Al Hakim (1/525) anavuga ko ari impamo na A-Dhahabiy aramushyigikira, na Al Bayhaqiy mu gitabo A-Da'awaat (206). Wanayisanga mu gitabo Al Adh'kaar cya A-Nawawiy (paji 340). Na Abdul Qadir Al Ar'na'utw yavuze ko ari nziza.

[101] Kubera imvugo ya Ubadat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Uzasabira imbabazi abemeramana n'abemeramanakazi, kuri buri mwemeramana na buri mwemeramanakazi Allah azamwandikira icyiza." Yakiriwe na A-Twabaraniy mu gitabo Mu'udjam Al Kabiir: 5/202 (5092) na 3/334 (2155). Na Al Haythamiy mu gitabo Madj'ma'a Zawadi 10/210 yavuze ko uruhererekane rwayo ari rwiza. Na Al Al baniy mu gitabo Swahihul Djami'i (5902), 5/242 yavuze ko ari nziza.

[102] Yakiriwe na Ahmad 4/63 (16599), na nimero (23114), na nimero (23188). Na Tirmidhiy (3500). N'abasesenguzi mu gitabo Al Musnad 27/144, na nimero 38/197. Na 38/145: Baravuze bati: Ni

90- ((Mana Nyagasani ndagusaba mu byiza byawe no mu mpuhwe zawe, kubera ko nta wundi ubitunze usibye wowe.))[103]

91- ((Mana Nyagasani, nkwikinzeho ngo undinde gusaza cyane, no guhanantuka mvuye ahantu hejuru, no kurindimukirwaho n'inzu, n’agahinda, no kwicwa n'inkongi y'umuriro. Nanakwikinzeho ngo undinde ko Shitani yanyigarurira mu gihe cyo gupfa, kandi nkwikinzeho ngo undinde kuba napfa mpunga inzira yawe, kandi uzandinde kuba napfa ndumwe n'agasimba ako ari ko kose.))[104]

---

Hassan lighayrih. Na Al Albaniy mu gitabo Swahiihul Djami'i (1/399) yavuze ko ari nziza.

[103] Yakiriwe na A-Twabraniy, na Al Haythamiy mu gitabo Mudj'ma'u Zawaidi (10/159) yaravuze ati: ((Abagize uruhererekane rw'iyi mvugo bahuye n'aba Bukhari na Muslim usibye Muhamad Ibun Ziyad, uretse ko nawe yari inyangamugayo)). Na Al Albaniy mu gitabo Swahiih Al Djami'i: 1/404 (1278). yavuze ko ari impamo

[104] Yakiriwe na Abu Dawud (1552), na A-Nasa-iy (5531) na (5532), na Al Al baniy mu gitabo Swahihu A-Nasa-iy (3/1123). No mu gitabo Swahih Sunan Abi Dawud (1/425) yavuze ko ari impamo.

92- ((Mana nkwikinzeho ngo undinde inzara, kuko ari mbi, kandi Mana nkwikinzeho ngo undinde ubuhemu kuko ari kamere mbi.)[105]

93- ((Mana nkwikinzeho ngo undinde kunanirwa gukora ibimfitiye umumaro, n'ubunebwe, kugira ubugwari, ubugugu, no gusaza cyane, n'umutima mubi, no kuzindara, n'ubukene, no gusuzugurika, n'ubutindi. Nanakwikinzeho ngo undinde ubukene, n'ubuhakanyi, n'ubugizi bwa nabi, n'amakimbirane, n'uburyarya, no gukora kukirango numvwe, cyangwa ndebwe. Na nakwikinzeho ngo undinde ubupfamatwi, n'uburagi, n'ubusazi, n'ibibembe n'ibinyoro ndetse n'izindi ndwara mbi.))[106]

94- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ubukene [no gukenera cyane gukemuririrwa ibibazo n'ibiremwa byawe], n'ubucye bw'umutungo, cyangwa ubucye bw' inzira zangeza ku byiza,

---

[105] Yakiriwe na Abu Dawud (1547), na A-Nasa'iy (5483), na Al Albaniy mu gitabo Swahih A-Nasa-iy (3/1112).

[106] Yakiriwe na A-Nasa'iy (5493), na Al Hakim (1/530), na Al Al baniy mu gitabo Swahihul Djami'i (1/406), no mu gitabo Ir'waul Ghaliil (852).

cyangwa se ubucye bw'abantera ingabo mu bitugu, no gusuzugurika, nanakwikinzeho ngo undinde kuba nahuguza cyangwa se ngo mpuguzwe.))[107]

95- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde umuturanyi mubi aho ntuye, kubera ko umuturanyi udatuye arahinduka.))[108]

96- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde kugira umutima utagutinya, n’ubusabe butumvwa, na roho idahaga, n'ubumenyi budafite umumaro, kandi nkwikinzeho ngo undinde ibi bine.))[109]

---

[107] Yakiriwe na Abu Dawud (1544), na A-NAsa-iy (5475), na Al Al baniy mu gitabo cye Swahih A-Nasa'iy (3/1111). Na Swahihul Djami'i (1/407) yavuze ko ari impamo, n'ibiri mu dukubo byakiriwe na Ibun HIban (Mawarid), na Al Albaniy mu gitabo Swahih Mawarid A-Dhwam'aniy (2/455) yavuze ko ari impamo.

[108] Yakiriwe na Bukhari mu gitabo Adabul Muf'rad (117), na Al Hakim (1/532), anavuga ko ari impamo na A-Dhahabiy yemeranywa nawe kuri ibi. Na A-Nasa'iy (5517), na Al Albaniy mu gitabo Swahihul Djami'i (1/408), no mu gitabo Swahih A-Nasa'iy (3/1118) yavuze ko ari impamo.

[109] Yakiriwe na Tirmidhiy (3482), na Abu Daud (1549), n'umumenyi Al Albaniy mu gitabo Swahih Al Djami'i (1295) no mu gitabo Swahih A-Nasa'iy (3/1113) yavuze ko ari impamo.

97- ((Mana NYagasani nkwikinzeho ngo undinde umunsi mubi, n'ijoro ribi, n'ibihe bibi, n'umunyekibi, n'umuturanyi mubi aho ntuye.))[110]

98- ((Mana Nyagasani ndagusaba ijuru, kandi nanakwikinzeho ngo undinde umuriro)) [akabivuga inshuro eshatu][111]

99- ((Mana Nyagasani mpa gusobanukirwa mu idini.))[112]

---

[110] Yakiriwe na A-Twabaraniy na Al Haythamiy mu gitabo A-Zawaid 10/144 yaravuze ati: ((Abagize uruhererekane rw'iyi mvugo bahuye n'aba Bukhari na Muslim)). Na Al Albaniy mu gitabo Swahihul Djami'i 1/411, (1290) yavuze ko ari nziza.

[111] Yakiriwe na A-Tirmidhiy (2572), na Ibun Madjah (3340), na A-Nas-iy (5536). Na Al Albaniy mu gitabo Swahih Tirmidhiy (2/319), na Swahih A-Nasa'iy (3/1121)yavuze ko ari impamo n'imvugo ye iragira iti: ((Uzasaba Allah ijuru inshuro eshatu, ijuru riravuga riti: Nyagasani Mana muhe kwinjira mu ijuru, n'uzasaba Allah ko yamurinda umuriro inshuro eshatu, umuriro uravuga uti: Mana Nyagasani murinde umuriro.))

[112] Bishimangirwa n'imvugo ya Al Bukhari na Muslim mu busabe bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabiye Ibun Abass (Imana imwishimire we na se).Al Bukhariy (143), na Muslim (2477).

100- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde kuba nakubangikanya n'icyo ari cyo cyose kandi mbizi, kandi nkusabye imbabazi ku byo nkora ntazi.))[113]

101- ((Mana Nyagasani ibyo wanyigishije bigire iby'umumaro, unanyigishe ibifite umumaro, ndetse unanyongerere ubumenyi)).[114]

102- ((Mana Nyagasani ndagusaba ko wampa ubumenyi bufite umumaro, n'amafunguro meza, n'ibikorwa byakirwa.))[115]

103- ((Mana Nyagasani ni wowe nsabye wowe Allah umwe rukumbi, uwishingikirizwa,

---

[113] Yakiriwe na Ahmad 4/403, na Ibun Abi Shaybat (10/337), na A-Twabaraniy mu gitabo Al Mu'udjam Al Aw'satw (4/284), na Al Al baniy mu gitabo Swahih A-Targhiib wa A-Tarhiib: 1/19 yavuze ko ari nziza.

[114] Yakiriwe na A-Tirmidhiy (3599), na Ibun Madjah (259), na Al Albaniy mu gitabo Swahih Ibun Madjah (1/47) yavuze ko ari impamo

[115] Yakiriwe na Ibun Madjah (925), na A-Nasa-iy mu gitabo Amalul Yawmi wa Laylat (102), na Ahmad (6/294) na (305). Na Al Albaniy mu gitabo Swahih Ibun Madjah (1/152) yavuze ko ari impamo.

utarabyawe ntanabyare, ndetse akaba adafite n'icyo asa nacyo, ko wambabarira ibyaha byanjye, kuko mu by'ukuri ari wowe Nyir'ukubabarira Nyir'imbabazi.))[116]

104- ((Mana Nyagasani ndagusaba kubera ko ari wowe nyir'ikuzo n'ishimwe, nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye wowe udafite uwo abangikanye nawe, wowe mugaba, wowe muhanzi w'ibirere n'isi, wowe nyir'icyubahiro n'ikuzo, wowe uhoraho wibeshejeho ukabeshaho n'abandi, ndagusaba ijuru na nakwikingaho ngo undinde umuriro.))[117]

105- ((Mana Nyagasani ndagusaba mpamya ko ari wowe Allah wenyine, nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye wowe, umwe rukumbi,

---

[116] Yakiriwe na A-Nasa-iy (1300), n'iyi mvugo ni iye, na A-Nasa-iy mu gitabo Al Kubra (7665), na Abu Daud (985) Na Al Al baniy mu gitabo cye Swahih Sunan A-Nasa-iy (1/147) yavuze ko ari impamo.

[117] Yakiriwe na Abu Daud (1495), na Ibun Madjah (3858), na A-Nasa-iy (1299), na A-Tirmidhiy (3544), na Al Al baniy mu gitabo Swahih A-Nasaiy (1/279) no mu gitabo Swahih Ibun Madjah (2/329) yavuze ko ari impamo.

Uwishingikirizwa, utarabyaye ntanabyarwe, kandi akaba nta na kimwe asa nacyo.))[118]

106- ((Nyagasani Mana mbabarira, kandi nkwicujijeho ngo umbabarire, mu by'ukuri ni wowe ubabarira ibyaha, Nyir'imbabazi))[119]

107- ((Mana Nyagasani kubera ubumenyi bwawe bw'ibitagaragara, n'ubushobozi bwawe ku biremwa byawe, mpa kubaho niba ubona kubaho ari byo byiza kuri njye, unanyambure ubuzima niba ubona ko gupfa ari byo byiza kuri njye. Mana Nyagasani ndagusaba kugutinya byaba mu ibanga cyangwa se ku mugaragaro, ndagusaba kandi kurangwa n'ijambo ry'ukuri naba nishimye cyangwa se ndi mu gihe cy'uburakari. Ndagusaba

---

[118] Yakiriwe na Abu Daud (985), na A-Tirmidhiy (3475), na Ibun Madjah (3857), na Ahmad (5/360), na Al Albaniy mu gitabo Swahih Sunan A-Tirmidhiy (3/163) yavuze ko ari impamo.

[119] Yakiriwe na Abu Daud (1518), na A-Tirmidhiy (3434), n'iyi mvugo ni iye, na A-Nasa-iy mu gitabo Sunan Al Kub'ra (10292), na Ibun Madjah (3814), na Al Albaniy mu gitabo Swahih Ibun Madjah (2/321) no mu gitabo swahih Tirmidhiy (3/153) yavuze ko ari impamo,.

gushyira mu gaciro mu bukire no mu bukene, ndagusaba ingabire zidashira, ndagusaba kandi kugira ituze rihoraho, ndagusaba kandi kwishimira igeno ryawe, ndagusaba kandi koroherwa n'imibereho nyuma yo gupfa, kandi ndagusaba kuzagira umugisha wo kureba uburanga bwawe, nanarangamiye kuzahura nawe nta mbogamizi mfite cyangwa se ngo mbe ikigeragezo kiyobya abandi! Mana duhe umutako w'ukwemera, kandi tuzaduhe kuba mu bayobotse bayobora n'abandi.))[120]

108-((Mana Nyagasani ndagusaba kumpa urukundo rwawe, no gukunda uwo nakunda bikangirira umumaro kuri wowe, Mana Nyagasani ibyo wampaye nkunda bigire imbaraga zo gukora ibyo ukunze, Mana Nyagasani ibyo wampaye kudaha agaciro mu byo abandi bakunda (nk'abana

[120] } Yakiriwe na A-Nasa'iy (1305), na Ahmad (4/264), na Al Albaniy mu gitabo Swahih A-Nasaiy (1/280), na (1/281) yavuze ko ari impamo.

umutungo...) mfasha bibe impamvu yo kubona umwanya umwanya wo gukora ibyo ukunze.))[121]

109- ((Mana Nyagasani nsukura ibyaha n'ibicumuro, unanyeze untandukanye nabyo nkuko umwambaro w'umweru wezwa ukurwamo ikizinga. Mana Nyagasani nsukura ukoresheje urubura n'amazi akonje.))[122]

110- (( Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ubugugu, n'ubugwari, no gusaza cyane ku buryo mbura ubwenge, n'ibigeragezo by'uburwayi bw'umutima (nk'ishyari, urwango, imyemerere y'ibangikanyamana...), ndetse n'ibihano byo mu mva.))[123]

---

[121] Yakiriwe na A-Tirmidhiy (3491) ndetse avuga ko ari nziza. Na Sheikh Abdul Qadir Al Arnautw yaravuze ati: ((kandi uko yabivuze niko bimeze)). Reba igitabo yakosoye Djami'ul Uswul (4/341).

[122] Yakiriwe na Muslim (476), na A-Nasa-iy (400).

[123] Yakiriwe na A-Nasa-iy (5469), n'imvugo ye iragira iti: ((Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga yikinga kuri Allah ngo ayirinde ibintu bitanu: Ubugugu, ubugwari, gusaza cyane ku buryo ubura ubwenge, n'ibigeragezo by'uburwayi bw'umutima (nk'ishyari, urwango, imyemerere y'ibangikanyamana...

111- ((Mana Nyagasani wa Malayika Djibra-il, na Malayika Mika-il, na Malayika Israfiil, nkwikinzeho ngo uzandinde ubushyuhe bw'umuriro, n'ibihano byo mu mva.))[124]

112- ((Mana Nyagasani mpa kuyoboka, unandinde ibibi by'umutima wanjye.))[125]

113- ((Mana Nyagasani ndagusaba ko wampa ubumenyi bw'ingirakamaro, nanakwikinzeho ko wandinda ubumenyi budafite akamaro.))[126]

---

n'ibihano byo mu mva.)) Yakiriwe na Abu Daud (1539), na Al Ar'nautw mu gitabo Djami'ul Uswul (4/363) yavuze ko ari nziza.

[124] Yakiriwe na A-Nasa-iy (1344), na Ahmad (6/61), na Al Bayhaqiy mu gitabo A-Da'awaat (109), na Al Al baniy mu gitabo Swahih A-Nasa-iy, 3/1121) na Silsilat Al Ahadith A-Swahihat (1544) yavuze ko ari impamo.

[125] Yakiriwe na A-Tirmidhiy (5/519) n'iyi mvugo ni iye (3483). Yanakiriwe kandi na Ahmad (23/197) (19992), na Al Hakim (1/510) yakiriye ijya kumera nk'iyi. Abakosozi b'igitabo Al Musnad bavuga kuri Hadithi yakiriwe na Ahmad (33/197) baravuze bati: ((Uruhererekane rw'iyi mvugo ni impamo ruhuje amabwiriza nk'aya Bukhari na Muslim)). Naho imvugo ya A-Tirmidhiy, Al Albaniy mu gitabo Dwaif Tirmidhiy (379) yavuze ko atari impamo.

114- ((Mana Nyagasani w'ibirere [birindwi] na Nyagasani w'isi, na Nyagasani Nyiri Arshi ihambaye, Nyagasani wacu akaba na Nyagasani wa buri kintu, uwasutuye intete ikavamo ikimera, uwamanuye igitabo cya Tawurati na Injili na Qur'an [itandukanye ukuri n'ikinyoma], nkwikinzeho ngo undinde ikibi icyo ari cyo cyose . Mana Nyagasani ni wowe wa mbere udafite icyamubanjirije, ninawe wa nyuma udafite ikizaza nyuma yawe, ni nawe uri hejuru ya buri kimwe udafite na kimwe kiri hejuru yawe, ni nawe uzi buri kimwe (amabanga yose) nta wundi ubizi utari wowe, twishyurire ideni kandi udukize ubukene.))[127]

115- ((Mana Nyagasani huza imitima yacu, unadukemurire ibibazo hagati yacu, unatuyobore

---

[126] Yakiriwe na A-Nasa-iy mu gitabo Sunan Al Kub'ra (7867), na Ibun Madjah (3843), na Al Albaniy mu gitabo Swahih Ibun Madjah (2/327) yavuze ko ari nziza. N'imvugo ye iragira iti: ((Mujye musaba Allah ubumenyi bw'ingirakamaro, munamusabe ko yabarinda ubumenyi budafite akamaro.))

[127] Yakiriwe na Muslim (2713) ayikuye kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire).

inzira zawe z'amahoro, unaturokore umwijima utuganishe mu rumuri, unadutandukanye n'ibyaha byaba ibigaragara n'ibitagaragara, unashyire imigisha mu kumva kwacu, no kureba kwacu, no mu mitima yacu, no mu rushako rwacu, no mu rubyaro rwacu. Kandi unatubabarire kuko ni wowe nyir'ukubabarira ibyaha Nyir'imbabazi, unadushyire mu bashimira ingabire zawe, bahimbaza ikuzo ryawe, bazakiriye, kandi unazitwuzurize.))[128]

116- ((Mana Nyagasani ndagusaba kumpa kugusaba ubusabe bwiza, no gutsinda kwiza, n'ibikorwa byiza, n'ingororano nziza, n'ubuzima bwiza buzira umuze, no gupfa kwiza. Unampe gushikama, uzanaremereze iminzani y'ibikorwa byanjye, unashimangire ukwemera kwanjye, unanzamure mu ntera, unakire iswala zanjye, unambabarire ibyaha byanjye, kandi ndagusaba

---

[128] Yakiriwe na Abu Daud (969), na Al Hakim, n'iyi mvugo ni iye (1/265); yaranavuze ati: Iyi mvugo ni impamo ihuje amabwiriza n'aya Bukhari na Muslim, ndetse na A-Dhahabiy babyemeranyijweho (1/26). Na Al Al baniy mu gitabo Swahih Al Adab Al Mufrad (630) yavuze ko ari impamo.

urwego ruhanitse mu ijuru. Mana Nyagasani ndagusaba intangiriro z'ibyiza n'iherezo ryabyo, n'ibikusanyirije hamwe ibyiza, byaba ibya mbere n'ibigaragara ndetse n'ibitagaragara.

((Ndagusaba kandi urwego ruhanitse mu ijuru, Mana akira ubusabe bwanjye. Mana Nyagasani ndagusaba ibyiza nshaka gukora n'ibyiza nkora, n'ibyiza bitagaragara, n'ibyiza bigaragara, n'urwego ruhanitse mu ijuru, Mana akiri ubusabe bwanjye. Mana ndagusaba kuvugwa [neza], unambabarire ibyaha, unantunganyiriza ibyanjye, unasukure umutima wanjye, unarinde ubwambure bwanjye, uzanashyire urumuri mu mva yanjye, unambabarire ibyaha byanjye, kandi ndagusaba urwego ruhanitse mu ijuru, Mana akira ubusabe bwanjye! Mana Nyagasani ndagusaba ko wampa umugisha, ukawushyira mu kumva kwanjye, no kubona kwanjye, no muri roho yanjye, no mu miremekere yanjye, no mu myifatire yanjye, no mu muryango wanjye, no mu kubaho kwanjye, no mu gupfa kwanjye, no mu mirimo yanjye, ngaho akira ibikorwa byiza byanjye, kandi ndagusaba urwego

ruhanitse mu ijuru, Mana akira ubusabe bwanjye!))[129]

117- ((Mana Nyagasani ntandukanya n'ingeso mbi, n'irari ribi, n'ibikorwa bibi, n'uburwayi bubi)).[130]

118- ((Mana Nyagasani, mpa kunyurwa n'ibyo wampaye, unanshyiriremo imigisha, uzanampe ingurane y'ibyiza ntafite.))[131]

---

[129] Yakiriwe na Al Hakim nawe ayikuye kwa Umu Salamat (1/520), anavuga ko ari impamo na A-Dhahabyi yemeranyijwe nawe (1/520). Na Al Bayhaqiy mu gitabo A-Daawaat (225), na A-Twabaraniy mu gitabo Mu'udjam Al Kabiir (23/326) nimero (717).

[130] Yakiriwe na Al Hakim (1/523), yaranavuze ati: ((Iyi mvugo ni impamo ihuje amabwiriza n'aya Muslim)), na A-Dhahabiy yemeranyijwe nawe (1/532). Na A-Twabaraniy mu gitabo Al Mu'udjam Al Kabiir (19/19) ,nimero 36. Na Al Al baniy mu gitabo Fii Dhwilaal Al Djanat (13) yavuze ko ari impamo.

[131] Yakiriwe na Al Hakim (1/532), anavuga ko ari impamo ndetse na A-Dhahabi yemeranyijwe nawe (1/510), ayikuye kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se), na Al Bayhaqiy Fil Adab (1084), no mu gitabo A-Daawaat Al Kabiir (211). Na Al Hafidhw Ibun Hadjar mu gitabo Al Futuhaat A-Rabaniyat (4/383) yavuze ko ari nziza.

119- ((Mana Nyagasani, uzankorere ibarura ryoroshye))[132]

120- ((Mana Nyagasani dushoboze kukwibuka tugusingiza, no kugushimira, no kukugaragira mu buryo bukwiye.))[133]

121- ((Mana Nyagasani ndagusaba ukwemera kuzuye kandi gushikamye, n'ingabire zitarangira,

---

[132] Yakiriwe na Ahmad (6/48), na Al Hakim (1/255), yaranavuze ati: ((Iyi mvugo ni impamo ihuje amabwiriza n'aya Muslim)), na A-Dhahabiy (1/255) yemeranyijwe nawe. Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Ubwo yari amaze kugenda naravuze nti: Yewe Muhanuzi wa Allah! Ibarura ryoroshye rizaba rimeze rite? Nuko aransubiza ati: Ni igihe Allah azareba mu gitabo cyanditsemo ibikorwa byawe maze akabikubabarira, kubera ko kuri uwo munsi uzabazwa ibarura ry'ibikorwa bye yewe Aishat, bizaba bimurangiranye. kandi na buri cyago n'ikigeragezo kibaye ku mwemeramana gituma Allah amubabarira ibyaha bye kugeza no ku ihwa rimujombye. N'umumenyi Al Albaniy yayivuzeho mu gitabo Mish'kaat Al Maswabih agira ati: ((Uruhererekane rwayo ni rwiza.))

[133] Yakiriwe na Ahmad (2/299), na Al Hakim (1/499), anavuga ko ari impamo, na A-Dhahabiy yemeranyijwe nawe, kandi uko babivuze niko biri, ndetse yanakiriwe na Abu Daud (1524). Na A-Nasa-iy mu gitabo Sunan Al Kubra (9973). Na Al A lbaniy mu gitabo Swahih Al Adab Al Mufrad (534) yavuze ko ari impamo.

no kuzaba hamwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu rwego ruruta izindi rwo mu ijuru rihoraho)).[134]

122- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ibibi noshywa n'umutima wanjye, unanshoboze gushikama ku nzira itunganye, Mana Nyagasani mbabarira ibyaha nakoze nihishe, n'ibyo nakoze ku mugaragaro, n'ibyo nakoze ntabigambiriye, n'ibyo nagambiriye, n'ibyo nakoze nzi ndetse n'ibyo nakoze ntazi.))[135]

---

[134] Yakiriwe na Ibun Hiban (Mawarid), paji ya 604 (2436) ayikuye kwa Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) iri Maw'quuf. Yanakiriwe na Ahmad mu yindi nzira 1/386 (400), na A-Nasa-iy yayakiriye mu gitabo cye Amalul Yawmi wa Laylat (869), ndetse na Al Albaniy mu gitabo A-Silsilat A-Swahihat (2301) yavuze ko ari nziza.

[135] Yakiriwe na A-Nasa-y mu gitabo Sunan Al Kubra 6: 246 (10830), na Al Hakim 1: 510 ndetse yanavuze ko ari impamo, Na A-Dhahabiy yemeranyijwe nawe kuri ibi. Yanakiriwe na Ahmad 4/444, igaragara no mu gitabo Al Musnad Al Muhaqaq 33/197 (19992). Na Al Hafidhw Ibun Hadjar mu gitabo Al Iswabat yavuze ko uruhererekane rwayo ari impamo, ndetse na Al Albaniy mu gitabo Takhriidj Riyadw A-Swalihiina yavuzeko ari impamo ubwo yasobanuraga Hadithi nimero 1495.

123- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde kunanirwa kwishyura ideni, no kuneshwa n'umwanzi, no gukinwa ku mubyimba n'abanzi.))[136]

124- ((Mana Nyagasani mbabarira, unyobore, umpe amafunguro, umpe ubuzima buzira umuze, kandi nkwikinzeho ngo uzandinde ibigeragezo byo ku munsi w'imperuka.))[137]

125- ((Mana Nyagasani mpa kugiririrwa umumaro unandindire kumva kwanjye no kureba kwanjye, kandi uzampe kurambana nabyo, unampe gutsinda abampuguza, kandi unamporere.))[138]

---

[136] Yakiriwe na A-Nasaiy 5475, na Ahmad 2/173, na Al Al baniy mu gitabo Swahih A-Nasaiy 3/1113 yavuze ko ari impamo.

[137] Yakiriwe na A-Nasa-iy 1617, na Ibun Madjah 1356, ndetse na Al Albaniy mu gitabo Swahih Sunan A-Nasa-iy 1/356, no mu gitabo Swahih Ibun Madjah 1/226 yavuze ko ari impamo.

[138] Yakiriwe na A-Tirmidhiy (3681), na Bukhariy mu gitabo Al Adab Al Mufrad (650), na Al Hakim 1(523) yavuze ko ari impamo na A-Dhahabiy yemeranywa nawe kuri ibi, na Al Albaniy mu gitabo Swahih Tirmidhiy 3/188 yavuze ko ari nziza.

126- ((Mana Nyagasani ndagusaba imibereho itunganye, n'urupfu rutari urw'agashinyaguro, no kugaruka iwawe ntafite isoni cyangwa se ikimwaro.)) [141]

127- ((Mana Nyagasani ukwiye ikuzo n'ishimwe ryose, Mana Nyagasani ntawakima uwo wagabiye, nta n'uwagabira uwo wimye, nta n'uwayobora uwo wayobeje, ndetse nta n'uwayobya uwo wayoboye, nta n'uwaha uwo wimye, nta n'uwaki,ma uwo wahaye. Nta n'uwakigiza bugufi ibyo washyize kure, nta n'uwashyira kure ibyo washyize bugufi. Mana dusenderezeho ingabire zawe, n'impuhwe zawe n'ibyiza byawe ndetse n'amafunguro yawe. Mana Nyagasani ndagusaba ingabire zihoraho kandi zidahindagurika, Mana Nyagasani mpa ingabire zawe mu bihe bikomeye ndanagusaba umutekano igihe cy'ubwoba. Nkwikinzeho Mana ngo undinde ibibi by'ibyo waduhaye, n'ibibi by'ibyo watwimye. Mana Nyagasani dukundishe ukwemera , unagutake mu mitima yacu, unatwangishe ubuhakanyi n'ubukozi bw'ibibi ndetse no kukwigomekaho, kandi uzadushyire mu bayobotse. Mana Nyagasani uzadukure muri ubu

buzima turi abayisilamu, unaduduhe kubaho turi abayisilamu, kandi azaduhuze hamwe n'abakoze ibyiza tudakozwe n'ikimwaro cyangwa se ngo tugeragezwe. Mana Nyagasani rwanya abahakanyi bahinyura intumwa zawe, bakanakumira abantu kuyoboka inzira yawe, kandi uzabagezeho ibihano byawe. Mana Nyagasani rwanya abahakanyi bahawe igitabo, yewe Mana y'ukuri [Mana akira ubusabe]))[139]

128- ((Mana Nyagasani mbabarira, ungirire impuhwe, unyobore, umpe ubuzima buzira umuze, kandi umpe n'amafunguro.))[140]

---

[139] Yakiriwe na Ahmad mu mvugo ye 3/424, na 24/246 (15492), naho amagambo ari mu dukubo ni aya Al Hakim 1/507, 3/23-24. Yanakiriwe kandi na Al Bukhariy mu gitabo Al Adab Al Mufrad (699), na Al Albaniy yavuze ko ari impamo mu gitabo Takhriidj Fiq'h Siirat, paji 284. No mu gitabo Swahih Al Adab Al Mufrad cya Bukhariy (538), paji 259. Abakosozi b'igitabo Al Musanad 24/246 bavuze ko abagize uruhererekane rw'iyi mvugo ari inyangamugayo.

[140] Yakiriwe na Muslim (2696), na (2697). No mu mvugo ya Muslim iragira iti: "Biriya byose usabye bibumbatiye hamwe ibyo ucyeneye mu isi no ku munsi w'imperuka." No mu gitabo Sunan Abi Dawud (850) yaravuze ati: Ubwo umwarabu w'umunyacyaro yari

((Unankomeze kandi unzamure mu ntera)).[141]

129- ((Mana Nyagasani twongerere kandi ntutugabanyirize, unatugabire kandi nduzadusuzuguze, unaduhe kandi ntutwime, unaduhe kunesha abanzi bacu ntubahe kutunesha, unatume twishima kandi unatwishimire .))[142]

130- ((Mana wandemye neza, none n'imico yanjye yigire myiza))[143]

---

ahindukiye asubiyeyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ibiganza bye byuzuye ibyiza."

[141] Reba A-Tirmidhiy (284), na Ibun Madjah (898), na Al Al Baniy mu gitabo Swahih Ibun Madjah 1/148, no mu gitabo Swahih A-Tirmidhiy 1/90 yavuze ko ari impamo.

[142] Yakiriwe na A-Tirmidhiy 5/326 (3173), na Al Hakim 2/98 ndetse yanavuze ko ari impamo, n'umumenyi Abdul Qadir Al Ar'nautw akosora igitabo Djami'ul Uswuul 11/282 (8847) yavuze ko ari Hadithi nziza.

[143] Yakiriwe na Ahmad (6/68), na 155, na 1/403. Na Ibun Hiban (2423- mu gitabo Mawarid). Yanakiriwe kandi na A-Twayalisiy 374, iri no mu gitabo Musnad Abi Ya'ala (5075). Na Al Albaniy mu gitabo Ir'wa-ul Ghaliil 1/115 (74) yavuze ko ari impamo.

131- ((Mana Nyagasani mpa gushikama kandi unyobore, mbashe no kuyobora abandi.))[144]

132- ((Mana Nyagasani ndagusaba gushikama mu byo nkora byose, no kutava ku izima ku muyoboro, ndagusaba kandi ibituma mbona impuhwe zawe, n'imbabazi zawe. Ndagusaba kandi gushimira inema zawe, no gutunganya Ibadat nkukorerera. Ndagusaba umutima utuje, no kuvuga ukuri. Ndagusaba kandi ibyiza uzi, nanakwikingaho ngo undinde ibibi uzi, nanakwicuzaho ibyaha uzi, kubera ko mu by'ukuri ari wowe mumenyi uhebuje w'ibitagaragara.))[145]

---

[144] Ibi byagaragajwe n'ubusabe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabiye Djariir (Imana imwishimire). Reba Al Bukhariy (6333), nanone (3020) na (3036) n'izindi.

[145] Yakiriwe na Ahmad 28/338 (17114), na 28/356 (17133), na A-Tirmidhiy (3407), na A-Twabraniy mu gitabo cye Al Mu'udjam Al Kabiir mu mvugo ye (7135), (7157), (7175), (7176), (7177), (7178), (7179), (7180). Yanakiriwe kandi na Ibun Hiban mu gitabo cye A-Swahih 3/215 (935), na 5/310 (1974), na Shuaib Al Ar'nautw mu gitabo Swahih Ibun Hiban 5/312 yavuze ko ari Hadithi nziza. N'abakosozi ba Mus'nad mu nzira z'iyi mvugo zitandukanye 28/338 bavuze ko ari nziza. Al Albaniy nawe yayivuze mu gitabo cye Sil'silat

133- ((Mana Nyagasani ndagusaba ijuru rya Fir'dawus riruta ayandi.))[146]

134- ((Mana Nyagasani vugurura ukwemera mu mutima wanjye))[147]

---

Al Ahadiith Swahihat, mu muzingo wacyo wa 7 (3228), no mu gitabo Mawarid A-Dhwam'aani (2416), (2418), ndetse yaranavuze ati: Iyi mvugo yagizwe impamo n'indi yayunganiye (Swahihun lighayrihi).

[146] Inkomoko yayo ni imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "NImusaba Allah ijuru, mujye mumusaba irya Fir'daus, kuko ni ryo ryiza kandi riruta ayandi, ndetse Ar'shi ya Allah Nyir'impuhwe iri hejuru yaryo , ni naryo ririmo amasoko yo mu ijuru. Yakiriwe na Al Bukhariy (2790), (7423).

[147] Iyi nkomoko ikomoka mu mvugo ya Abdullah Ibun Umar (Imana ibishimire bombi) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: "Mu by'ukuri ukwemera kw'umwe muri mwe mu mutima we kurasaza nk'uko umwambaro w'umwe muri mwe usaza, bityo mujye musaba Allah ko yavugurura ukwemera mu mitima yanyu." Yakiriwe na Al Hakim 1/4 ndetse anavuga ko ari impamo, na A-Dhahabi yemeranyijwe nawe kuri ibi. Ndetse na Al Haythamiy mu gitabo cye Mudj'ma'u A-Zawaid 1/52: Yakiriwe na A-Twab'raniy mu gitabo cye Mu'udjamul Kabiir, n'uruhererekane rwayo ni rwiza, na Al Albaniy mu gitabo cye Sil'silatul Ahadith A-Swahihat 4/113 (1585) yavuze ko ari nziza.

135- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde iswalat idafite umumaro.))[148].

136- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde umuturanyi mubi, n'umugore uzansazisha imburagihe, n'umwana uzambera Databuja, n'umutungo uzambera ibihano, n'umukunzi uzandyarya andeba, n'umutima uzanyigarurira: wabona icyiza ukagishyingura, wabona ikibi ukagikwiza.))[149]

137- ((Mana Nyagasani ntuzanteze ikimwaro ku munsi w'imperuka))[150]

---

[148] Yakiriwe na Abu Daud (1549), na Al Albaniy mu gitabo cye Swahih Sunan Abi Daud 1/424 yavuze ko ari impamo.

[149] Yakiriwe na A-Twabaraniy mu gitabo cye A-Du'a 3/1425 (1339), na Al Al baniy mu gitabo cye Sil'silatul Ahadith Swahihat 7/377 (3137), naravuze nti: Uruhererekane rw'iyi mvugo ni rwiza, n'abagize uruhererekane rw'iyi mvugo bose bahuye n'abo mu gitabo A-Tah'dhiib...))

[150] Yakiriwe na Ahmad mu gitabo cye Al Mus'nad 29/596 (18056), n'abakosozi b'igitabo Al Mus'nad bavuze ko uruhererekane rwayo ari rwiza. Na A-Twabaraniy yayakiriye mu gitabo Al Mu'udjam Al Kabiir 3/20 (2524) mu mvugo ye igira iti: ((Mana Nyagasani

138- ((Mana Nyagasani ndagusaba ubuzima bwiza hano ku isi no ku munsi w'imperuka.)[151]

139- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ubumenyi budafite akamaro, n'ibikorwa bitakirwa, n'umutima udatinya, n'imvugo itumvwa.))[152]

140- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde umuhangayiko n'agahinda, no kunanirwa n'ubunebwe, n'ubugugu n'ubugwari, no kugorwa n'amadeni, no kwigarurirwa n'umuntu.))[153]

---

ntuzanteze ikimwaro ku munsi w'imperuka, kandi ntuzanteze ikimwaro ku munsi w'akaga n'amakuba.))

[151] Yakiriwe na Ibun Madjah (3851), yanakiriwe kandi na Al Al baniy mu gitabo cye Swahih Ibun Madjah 3/259, no mu gitabo Sil'silatul Ahadith Swahihat (1138) yavuze ko ari impamo.

[152] Yakiriwe na Ibun Hiban (2440) mu gitabo (Mawarid), na Al Albaniy mu gitabo cye Swahih Mawarid A-Dhwam'aan 2/454 (2066) yavuze ko ari impamo.

[153] Yakiriwe na Al Bukhariy (6363), Anas yaravuze ati: Nakoreye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)- aho yabaga igiye hose, namwumvise akunda kuvuga ati: ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde,...))

141- ((Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ibihano by'umuriro, n'ibihano byo mu mva, n'ibigeragezo bigaragara n'ibitagaragara, ndetse n'ikigeragezo cya Masiih Dadjaal.))[154]

142- ((Mana Nyagasani ndagusaba kuzapfa mparanira inzira yawe)).[155]

143- ((Mana Nyagasani mbabarira, Mana Nyagasani ku munsi w'imperuka uzandutishe benshi mu biremwa byawe, Mana Nyagasani mbabarira ibyaha byanjye, kandi ku munsi

---

[154] Yakiriwe na Muslim (2867), harimo n'ahagira hati: ((Mujye mwikinga kuri Allah ngo abarinde ibihano by'umuriro)).... [Mujye mwikinga kuri Allah ngo abarinde ibihano byo mu mva...] kugeza ku mpera.

[155] Yakiriwe na Muslim (1909), ayikomoye mu mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: ((Uzasaba Allah gupfa aharanira inzira ye by'ukuri, Allah azamugeza ku rwego rw'intwari zaguye ku rugamba, kabone n'iyo yapfa azize urw'ikirago.))

w'imperuka uzanyinjize mu bwinjiro bwubahitse.))[156]

144- ((Mana Nyagasani nyobora hamwe n'abo wayoboye, unampe ubuzima mubo wabuhaye, unankunde mu bo wakunze, unashyire umugisha mu byo wampaye, unandinde ibibi by'ibyo wagennye, uwo wakunze ntiyasuzugurika, ubutagatifu n'icyubahiro ni ibyawe ubwawe Nyagasani.))[157]

---

[156] Yakiriwe na Al Bukhari (4323), na Muslim (2498), abikomoye mu busabe bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabiye Ubayd Abi Amiri, no mu busabe bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabiye Abi Bur'dat (Imana ibishimire bombi).

[157] Yakiriwe na Ahmad mu gitabo Al Mus'nad 3/249 (1723), n'abakosozi b'igitabo Al Mus'nad 3/249 bavuze ko uruhererekane rwayo ari rwiza. N'iyi mvugo iragaragaza ko ubu busabe bwakoreshwa ahantu hose ntabwo ari umwihariko mu isengesho rya Wit'ri nk'uko byaje mu yindi mvugo, muri iyi mvugo Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati: ((Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga itwigisha ubu busabe.))

145- ((Mana Nyagasani uzambabarire ibyaha byanjye ku munsi w'imperuka.))[158]

146- ((Nicujije kuri Allah uhambaye we nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye we, uhoraho wibeshejeho ndetse akabeshaho ibiremwa bye, kandi niwe nicujijeho.))[159]

147- ((Mana Nyagasani mbabarira ibyaha byanjye, unandinde uburakari bw'umutima wanjye, unandinde ibigeragezo binyobya.))[160]

---

[158] Yakiriwe na Muslim (214); Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) barayibajije bati: "Yewe Ntumwa y'Imana! Mu by'ukuri uwitwa Ibun Djud'aani mbere y'ubuyisilamu (Djahiliyat) yajyaga yunga isano ry'imiryango, akagaburira abakene, ese ibyo hari icyo byamumarira? Intumwa irabasubiza iti: Ntacyo byamumarira, kubera ko nta n'umunsi n'umwe yigeze avuga ati: Mana Nyagasani uzambabarire ibyaha byanjye ku munsi w'imperuka."

[159] Yakiriwe na A-Tirmidhiy (3577), na Al Albaniy mu gitabo Swahih A-Tirmidhiy 3/469, yavuze ko ari impamo aranavuga ati: (Uzavuga aya magambo Allah azamubabarira kabone n'iyo azaba yarahunze urugamba.)

[160] Inkomoko yabyo ni ubusabe bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabiye Aishat (Imana imwishimire) yaravuze

148- ((Mana Nyagasani, mpa kubaho nshyira mu ngiro imigenzo y'Intumwa yawe (Imana iyihe

---

ati: Mana Nyagasani mubabarire ibyaha bye, unamurinde uburakari bw'umutima we, unamurinde ibihano biyobya. Yakiriwe na Ibun Asakir mu ruhererekane rwe mu gitabo "Al Ar'baina fi Manaqib Umahatil Mu'uminina", urupapuro rwa 85 yakuye kwa Aishat (Imana imwishimire). Yaranavuze ati: Iyi Hadithi ni impamo kandi ni nziza, mu gice cya Hadithi ya Baqiyat Ibun Al Waliid. Na Ibun A-Suniy yakiriye iyenda kumera nk'iyi mu gitabo Amalul Yaw'mi wa laylat (457). No mu yindi mvugo ya Ibun Siniy yaravuze ati: (Unandinde Shitani) aho kuvuga ati: (Unandinde ibigeragezo biyobya). Unarebe Iyi Hadithi mu gitabo A-Dwaifat cya Al Albaniy (4207). Imvugo ijya kumera nk'iyi nanone yakiriwe iturutse kwa Umu Salamat (Imana imwishimire) yakuye kwa Ahmad (26576), 44/2. N'imvugo yayo iragira iti: (Yewe Aishat), ujye uvuga uti: Mana Nyagasani wa Muhamadi Intumwa yawe, mbabarira ibyaha byanjye, unandinde uburakari bw'umutima wanjye, unandinde ibigeragezo binyobya igihe cyose nzaba nkiriho). Na Al Haythamiy mu gitabo Madj'ma-u Zawadi 10/27 yavuze ko ari nziza iri no kwa A-Twab'raniy mu gitabo Mu'udjamul Kabiir 23/338 (785) hatarimo iyi mvugo: (Igihe cyose nzaba nkiriho). Yanakiriwe iturutse kwa Umu Hani'i (Imana imwishimire) yaravuze ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Nyigisha ubusabe nzajya nifashisha nsaba, nuko Intumwa iramubwira iti: ((Jya usaba uti: Mana Nyagasani, mbabarira ibyaha byanjye...)). Yanakiriwe na Al Khara'itwiy mu gitabo cye I'itilaal Al Quluub (52), no mu gitabo Masawi-ul Akh'laaq (323).

amahoro n'imigisha), uzanankure mu buzima nshikamye ku migenzo y'Intumwa yawe, kandi uzandinde ibigeragezo binyobya.))[161]

149- ((Mana Nyagasani hundagaza amahoro kuri Muhamadi n'umuryango we, nk'uko wayahaye Ibrahim n'umuryango we. Mu by'ukuri ni wowe Nyir'ugushimwa Nyir'ikuzo. Unahundagaze imigisha kuri Muhamadi no ku muryango we nkuko

---

[161] Yakiriwe na Al Bayhaqiy mu gitabo cye Al Kub'ra 5/95 mu busabe bwa Ibun Umar iri Maw'quuf, na Ibun Al Mulaqin mu gitabo cye Al Bad'r Al Muniir 6/309. Yaranavuze mu gitabo A-Dwiya'u ko uruhererekane rw'iyi mvugo ari rwiza. Ibun Mas'uud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umwe muri mwe ntazavuge ati: Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ibigeragezo, kubera ko nta n'umwe muri mwe usibye ko azengurutswe nabyo, kubera ko Allah yavuze ati: "Mu by'ukuri imitungo yanyu n'urubyaro rwanyu ni ibigeragezo..." [A-Taghaabun: 15]. Uwo ari we wese muri mwe uzikinga kuri Allah, ajye amwikingaho ibigeragezo biyobya. Yakiriwe na Ibun Djarir mu gitabo cye cya Taf'siir 13/475 (15912). Na Ibun Batwaal mu gitabo yasobanuye igitabo Swahiih cya Al Bukhariy 4/13.

wawuhundagaje kuri Ibrahim n'umuryango we, mu by'ukuri ni wowe Nyir'ugushimwa Nyir'ikuzo.[162]

Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah Nyagasani w'ibiremwa byose, nkuko bikwiye icyubahiro cye n'ubwami bwe buhambaye. Mana Nyagasani hundagaza amahoro n'imigisha ku Ntumwa yawe Muhamadi n'umuryango we, n'abasangirangendo be, n'ababakurikiye mu kugira neza kugeza ku munsi w'ingororano.

---

[162] Yakiriwe na Al Bukhari (3370), n'aho ibiri mu dukubo ni Hadithi ya Abu Hurayrat (Imana imwishimire) iri mu gitabo cya Muslim (405)..

# Index

UBUSABE DUKOMORA MU GITABO CYA QUR'AN NO MU MVUGO Z'INTUMWA Y'IMANA (IMANA IYIHE AMAHORO N'IMIGISHA). .......... 3

Ijambo ry'ibanze.......... 6

IBYIZA BYO GUSABA ALLAH. .......... 8

UBUSABE DUKOMORA MURI QUR'AN NO MURI SUNAT. 18